Akimana Antoine.

- Rapport

09.03.1985

11
55P

AKIMANA Antoine
CERAI RUHONDO
Commune MBOGO
K I G A L I

ABAKINNYI BAVUGWA MULI UNO MUKINO.

1. NZIKIZA : Mwene RUCYAHANA na NYIRAMILIMO
2. GAKIRE
3. MUJYAMBERE
4. MUNYAKAZI
5. BASESA
6. HABUMUGISHA (Abo nibo bagize ishyirahamwe)
7. MUJYANAMA (Umusore ukora i Kigali)
8. MUBENZI : Inshuti ya MUJYANAMA
9. RUCYAHANA : Se wa NZIKIZA
10. NYIRAMILIMO : Nyina wa NZIKIZA
11. AGRONOME WA KOMINI
12. KONSEYE WA SECTEUR GITABA
13. ENCADREUR W'URUBYIRUKO
14. MUVUNYI
15. NYIRAMAHINGURA: Umugore wa MUVUNYI
16. NIYITEGEKA : Intumwa ya Ministeri
17. BURUGUMESITIRI.

Fait à Mbogo le 09/03/1985.

AKIMANA Antoine.-

# IKINAMICO : DUKORERE HAMWE!

(Umusore NZIKIZA yaraje se ku nkeke; agirango amushakire akazi; umubyeyi bimutera agahinda; abura uko abigira, agira inama umuhungu we aranga yigira i Kigali)

ZIKIZA : Aliko Papa! ko wiyicaliye none bagenzi banjye bose twiganye bakaba barabonye akazi nonee urabona ko nzicara ahaa pe! ko watereye agati mu ryinyo.

UCYAHANA : Aliko se mwana wanjye ko ubona ntagatege nkigira ko kwiruka imisozi! ubu mwana wanjye urabona nta kamaro nakumaliye nkujyana mu ishuli, ibibaye byose bakampamagara nkavunika nkora urugendo rwo kuhagera ngira nti"wakwiga ukazigilira akamaro"none rwose ubwo urabona hali ikibi nagukoreye!

ZIKIZA : Oya sibyo!wali ukwiye kumenya ko nkeneye akazi ntakindi.

YAHANA : Aliko wa mwana we ko mbona wijujuta aho ntakiguteye muli aka kanya?

ZIKIZA : Ntacyanteye, njyewe ndashaka kukubwira ibintu by'ukuli, ubu se nigiye iki? Nigiye se kugirango mundebe mu maso. Njyewe rero ibyanyu ndabirambiwe; ejo nafashe umugambi udakuka kandi ntawe ukora icyo atatekereje, byanze bikunze ejo nzarara i Kigali!

UCYAHANA : Eh! Eh! Mbe wa mwana we! Nibyo byawe koko? Ubu se uragirango akazi ngakurehe? Ubundi wabuze icyo ukora? Igihe urangiza kwiga batubwiye imyuga mwize ko ntarabona utinyuka no gufata umwiko none ngo wabuze icyo ukora, ibyo ni urwitwazo ngo none wajya i Kigali, ubu uhinze, ukorora ntibyagufasha? Icyo wakenera cyose ntiwajya ukibona ugikesheje isuka! Maye se mutaliliye akazi ko gukubita ikaramu ngo nti mwaba muli abasore! Dore mwana wanjye ntacyo urambuliraho, icyo washakaga cyose wakibonaga, reba uko ungana uko kuba alinjye ukwambika, mbe ra! Tekereza bene SENGABO bali mu gasosiyeti (société) k'ubuhinzi ubona katabagiliye akamaro? Naho wowe ngo ulirukira umujyi, uragende!

ZIKIZA : Ibyo ulimo uvuga ntacyo bimbwiye; ubu si cyera kandi ibya kera si byo by'ubu! Kwa kundi umwana yilirwaga iruhande rw'umubyeyi imyaka n'imyaka ntaho atarabukira. Ibyo twarabisezereye urubyiruko rw'u Rwanda rugomba kujijuka.

.../...

Naho ibyo kugenza nk'abakera bivanze n'ubujiji umuntu wese yali akwiye kubyamaganira kurę!

UCYAHANA : Ya ya ya! Nibyo byawe sha! Byo gusuzugura ababyeyi bigeze aho! Mwize iki? N'ibyo mwize? A! BA! BA! Ubwo urareba ugasanga abakera ubarusha umuco? Abana b'ubu murananiranye pe! Nta kinyabupfura mugira ngo mumenye ko umunt mukuru agomba kubahwa! Ibyo ntimubikozwa! Ubwo se murabona muzagarukira he koko!

ZIKIZA : Ni hahandi uramponda sinoga yewe! ukuli gushilira mu biga niro navuze narangije si ngombwa kwisubiraho! Nibyo wavuze ngo wandwanyeho, ibyo ndabiruzi kandi ndabizilikana, aliko rero wandoreye icyo wambyaliye ntiwandereye icyo nzakumalira!

UCYAHANA : Rwose mwana wanjye ugaturana neza n'abitwa ababyeyi! Ko mbizi ngukunda bikabije urarwana ujya hehe? Wambereye umwana uko nshaka ukandinda agahinda ko kubura uwo nabyaye! Aka karere kacu ni wowe njijuke dufite, wagumye aha ngaha ko utabura akamaro umalira abaturage b'inaha.

ZIKIZA : Ntuvuge iby'agahinda kuko umenye neza ko uzagira agahinda wankorera ibyo nshaka kandi rero n'umuntu arapfa bakalira bakihanagura nkanswe njyewe uzaba ngiye nzagaruka! Icyo nzi ni uko ngukuliye inzira k'umulima! Sinshobora guteshwa ibyo nshima ngo nkunde ibyo nshaka mu gihe naba ntabonye akazi!

UCYAHANA : Yewe! Yewe! Ni akumiro! si nalinzi ko waruka amagambo ameze atyo! Nyamara rero izo zali inama nakugiraga.

ZIKIZA : Ungira inama! inama ki? Iyo nshaka kujya urahazi? Wali wahakandagira se nibura! None rero uragirango nizingire mu cyaro nkuko mugiye kuhasigara!

UCYAHANA : Mama we, umuco wacu uraducitse pe! Mba nica Kayondo! Sinalinzi ko wambwira utyo narakwibyaliye waravuye mu maraso yanjye! Maze rero shahu nushaka wumve iyimpanuro! Umva ko wambwiye ngo iyo njya simpazi, ndo sindanahakandagira! Yego simpazi aliko ubwo uhandusha niyo mahirwe yawe! Kujya i Kigali kwawe simbishyigikiye kuko bajya bavuga ngo Nyarugenge igendwa n'abifite, ubwo se wowe ufite iki? Sinashidikanya ko utazahagilira ibyago! Reba nta mwene wanyu, nta mwene nyoko usangayo! Nta ki! Ubwo urajya he muby'ukuli?

.../...

Nabo uhazi ko utazi aho bacumgitse kandi niyo waba uhazi ntagupfa guninguka k'umuntu w'i Kigali umuteze indaa gusa! Ngo nyamwanga kumva ntiyanze no kubona ukore uko wumva!

ZIKIZA : Ibyo muvuga murakina! Kuko nibwa bujiji bajya bavuga mu maradiyo!

UCYAHANA : Ubwo rero urareba ugasanga ali wowe uli mukuli! Nyamara mwana wanjye nushaka unyite injiji, icyo nzi ni uko ibyo mvuga ali ukuli, kandi ali ibintu bizakubaho uzibonera, ilya mukuru liratinda ntilihera!

ZIKIZA : Ibyo uvuga ntacyo bimbwiye yewe! Keretse niba kandi ndamutse nibye kandi iyo ngeso ntindangwaho! Naho ubundi simzakwicara mu maso ngo ibintu binyizanire kandi ngo akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze kandi ngo kugenda bitera kubona!

UCYAHANA : Mwana wanjye wacisha make ibyo byose bishaka ku kuramgaza ukabishyira kuruhande! Dooore niba ukunda kumva Radiyo wumvise ko bavuze ko mu mijyi yose y'u Rwanda bagomba kwirukana inzererezi kandi mu gihe uzaba ugitegereje akazi uzaba uli mu mubare w'imburamukoro! Nibagutwara rero ngo sinakubwiye! Nushaka wisubireho! kuko ibibi uzahura nabyo i Kigali bizagutera ingorane utazikuramo, uraliculika ay'ubusa uzabibona!

ZIKIZA : Maze sinzi icyo mumshakaho! njyewe nakubwiye ko ejo mu gitondo nzajya i Kigali gushaka akazi, nta kindi kigomba kurengaho cyangwa kugabanukaho! Naho ayo magambo mugumya gusukaho ntacyo bivuze! Gusa nzakoresha imbaraga zanjye mu bwenge bwanjye ndetse n'imyuga nigiye mu ishuli ntizabura icyo imalira maze rero ngo nzabura icyo nkora nta bugi budakeba ibyo birazwi!

UCYAHANA : Wa mwana we wigumya kunsakulisha induru yawe ndayirambiwe! Cyo genda usesagure utwawe ukezera, urambagiraa kandi uziko nta n'icyangombwa ugira! Naguhaye amafranga yo gusora uko wabigenje si nkuzi, umva ko washegeye umujyi nibakureke rwose aho bigeze kuko uzabyumva bishyize kera!

.../...

:IKIZA : Ese ulinda umeneka umutwe w'ubusa ubwirwa n'iki ko ntasoze?
Ni uko bimeze, nta kigomba kugabanukaho! Ese ubwo nturabona bene sentabire iyo batashye bavuye i Kigali uko baba bameze! Hali n'umwe muli bo undusha amashuli, bose ntibagiye barangiza umwaka wa gatandatu! None njye ngo ni nkwicare iruhande sinishoboreye! None nabona n'agahenge ko kwitwa ikirumbo n'icyo ntazi! Ibyo kwitwa Rubebe no kuba icyohe nkabifasha hasi.

JCYAHANA : Mwana wanjye witubeshyera! Ah! Ibyo uvuze minde wabikwise? Ahaa! Bagukenyerere da! Cyangwa urashaka kwigira byo! Rero ngo urashaka kuba nka bene Sentabire,yiba wali uzi ko umugisha utabyiganirwa ntiwavuze utyo! Ndakeka ko wowe ushaka ubukire bw'indenga kamere! Nyamara nkubuliye ntagukange nta bukire uteze i Kigali ahubwo uzaza amara masa ujye wibuka umugani uvuga ngo:"ibyinshi byotsa amatama" umukiro wanyu uli hano mu cyaro kandi nta handi uli!

:IKIZA : Mwigumya kuntera umwaku gusa mumshingilira! umugabo yaravuze ati "Nzi uko nzabigenza yaliye uruboho rwa munywanyi we"!

JCYAHANA : Ni uko shenge uzi kuvuga meza! Ibereho gusa! Ikibabaje ni uko ali wowe mwana w'ikinege nali mfite gusa, ali wowe undi iruhande! Koko nzakubure ali wowe nali mfite? Uziko ibyontumze byose ali ibyawe,ubwo ikindi uharanira niki koko? Nali nzi ko uzi ubwenge uzi icyatsi n'ururo ..... ntabwo! Ubwo rero ngo urashaka akaziko mu biro ngo uzi ubwenge n'ababukurusha barakabuze wo gacwa we! Icyo bikora uwo ni umurengwe nkawawundi wica nk'inzara ntakindi, uzagende nibwo uzamenya ubwenge!

ZIKIZA : No porobolemi (pas de problème) ntakibazo ibyo ntibikureba, nzakora uko nshaka, sinzakora uko ushaka!

.../...

RUCYAHANA : (arakaye) Kandi, Kandi NZIKIZA icyo unshakaho mu rugo rwanjye sinkizi! Koko ukàntuka mu bifaransa halya ngo ni uko ntize! Ntidushobokanye pe! Ntabihanga bibili bitekwa mu nkono imwe urashaka se kandi kuntegeka mu rugo rwanjye?

NYIRAMILIMO : Aliko ni iki ye! Ko numva impaka zanyu zabaye urudaca!
Aho ni mbateye!

RUCYAHANA : Ndeka ndeka wa mugore we! umuhungu wawe arananiye! Arananiye pe! Numiwe! Niba ali wowe mwagiye inama ngo anyihererane antuke simbizi! Bahungu we! Bagabo baraboma!

NYIRAMILIMO : (AHAKANA ) uramenye maye we! umuhungu wawe arananiye arananiye pe! Numiwe!maye we! Ni ibiki se? Ko numvise musahinda nibereye mu gikoni ndabizi!

RUCYAHANA : Ko wabyumvise se ubu uje hashize igihe kingana iki?

NYIRAMILIMO : Ubu se na li guta imilimo yo mu gikoni ngo nje ku kumva impaka zanyu? Njye nalinzi ko ali impaka zisanzwe! Naho mi ugushyogoranya!

RUCYAHANA : Dore wa mugore we ngo akumiro mi amavunja koko! Mbese nabonye ishyano nka lyalimdi imbwa yaboneye ku mugezi! Ngo umuhungu wawe arashaka kujya mu mugi gushaka umukiro abandi bamutanze da! Namuguyaguye! Ntako ntagerageje rwose! Namub$_w$iye amagorwa n'ibyago ashobora kuhagilira anyima amatwi! Ndetse arampinduka rwose arantuka, angira icyo ntazi avuga amafaransa! Yewe!

NZIKIZA : Umva mbese ngo arambeshyera! Nigeze ngutuka njyewe, ubu wazana umuntu wize nkasubira mubyo navuze yamanga hali igitutsi kilimo!

RUCYAHANA : Uwize se we mudahwanye!

NZIKIZA : Nta mugayo! Amashuli make n'ubujiji bwanyu nibyo bizatuma tudakira, muracyatsimbaraye ku mico ya kera!

.../...

NYIRAMILIMO : Munyibwilire uko byagenze!

RUCYAHANA : Aliko se ubwo ntumubonye hali icyo aguhishe! Afite aho inyota y'ifaranga igiye kwica ubuzima! Nzikiza rero nawe nutareba neza umururumba w'amafaranga uraguhitanye! Icyambere mu gukira ni ukugira umutima mwiza, niyo wakira ukamererwa neza nta rukundo muli bagenzi bawe, bikubitiyeho muko uli umusore ntacyo byakumalira. Hali uwavuze ati "Iby'abasore bilya abaseka ibisigaye bigacilira imbwa".

NYIRAMILIMO : (aseka) Yewe! Njyewe ibyo mulimo byanyobeye cyangwa se mwatewe barayoberwa! Ndumiwe gusa!

RUCYAHANA : Njyewe ubu narakaye nshatse namuca akagenda!

NYIRAMILIMO : Reka se kandi wivuga nabi! Byaba ali ukwirogera!

Rucyahana : Ni uko shyigikira!

NZIKIZA : Ni ushaka unshe aliko...., nako ukore uko ushaka igitekerezo cyanjye n'icyo narangije.

NYIRAMILIMO : Aliko ubwo ni wowe ubivuga NZIKI! Kubona usuzugura So bigeze aha! Ubwo urabona unduta ko ali wowe dufite tuzamera dute? Ni ukubona mugenda nka cya gihu cya Nyantango!
Shyuu! Mwana rero ngo "uwanze kumvira se na nyina yumvira ijeli"! Ntawundi mugisha uteze kubona udakomotse ku babyeyi!

NZIKIZA : (ASEKA) Muragirango nisekere ye! Ni mwe se kandi musigaye mutanga imigisha. Ibyo bijyanye n'umuco ushaje!

NYIRAMILIMO : Ndumiwe! Ahaa! Ngaho da!

RUCYAHANA : Namuhannye yanze wowe ntacyo ushobora kongeraho, mureke azagende azakabona! Yakunze umujyi none ntacyamubuza kuwubamo ni uko umukunzi w'impyisi aliwe ilya mbere.
Imikwabo iba i Kigali ntugirengo ni nk'iba muli Komine, nibagushyikira ni ukukujyana mu kigo ngorora muco da!
Nibura bazakungororera.

..../...

NYIRAMILIMO : Nta byago nko kubyara umwe agahona, aliko rero uretse ibyo uwo mutima ntawe wali uwukuziho!

RUCYAHANA : Maze rero wagenda wareka ibizakubaho uzirwaneho ngo igikoba kikuruliye amakara kandi uwiyishe ntalilirwa, ulibwira ko ugiye kubona umukiro, nyamara ugiye kure kubi urujya kwica imbwa ruyiziba amatwi!

NZIKIZA : Ibyo mulimo binyobere! Rwose muravunwa n'umutwaro mutikoreye!

RUCYAHANA : Erega ntugire ngo turamakuliza ubusa, dutewe impungenge n'uko wazadukorera ilya Kabara! Kandi ngo umwana alya inkware nyina akalya amoya!

NYIRAMILIMO : Nzikiza rwose icyo ushaka-ko ali akazi kandi akaba ali impano y'Imana wagumye aho ko wendaizakwibuka aliko utagiye gucyezera mu mugi! Nugenda tuzaba tuguhebye kandi dusigaye iheruheru kandi tumanjiliwe!
Rebababandi basore mwiganye bashinze ingo zirakomera, iyo urebye muli uru rugo hali icyo tubuze cyatuma wiruka imisozi ujya kugishaka! Ntureba iliya milima yabaye ibinani waretse tukagushakira ukarumbura iliya milima! Urabona iliya mpaka irahorera mu bigega ibyo bigatuma abantu bavuga ngo tuli ba bihina impungire byose si ibyawe? Washatse iki ngo ukibure rwose mwana wanjye!

NZIKIZA : Uwabahuga nkajya kulyama!

NYIRAMILIMO : Waretse ukabanza ukajya kumeza ko byahiye! Ba uretse utaburara!

RUCYAHANA : Nawe wa mugore we sinzi icyo ushaka uramukubitira kulya se? Ubwo azalya ejo i Kigali - Kapitali.

NYIRAMILIMO : Erega ntibigutangaze ashobora kurara abyiga akisubiraho! Nyamara bulya ngo inyana n'iya mweru narakubaliwe iwanyu ngo ntibagoberagaho ngo ntibakuvugaga!

RUCYAHANA : Aliko wa mugore we ubusore bwanjye urabuzi?

NYIRAMILIMO : Simbuzi aliko narabubaliwe!

RUCYAHANA : Banza ukemure ikibazo cy'umuhungu wawe maze ibyo ubireke.

NYIRAMILIMO : Halya yanze kulya?

RUCYAHANA : None se hali uwo ureba, yabyanze da! Yanangiye buliya. (NZIKIZA ajya kulyama)

Arara atarayе ejo mu gitondo arabyuka ashyira nzira, nako si mu gitondo buliya aramena ijoro nk'umujura.

YIRAMILIMO : Erega ubwo nta kundi kuzongera kumubona?

UCYAHANA : Keretse ahali numusanga i Kigali ko ureba yafunze isafali yagenda amenye ko imanga y'Imana iruta ikigarama cy'ijisho! Nagende! Aliko ntawavuga ko atazagaruka, amazi arashyuha ntiyibagirwa iwabo wa mbeho! Nta kundi twagira!

## ISENI YA KABILI.

(NZIKIZA yagiye i Kigali ntinamugwa neza nkuko ababyeyi bali babimubwiye. Yaje gutarurwa n'umusore uba i Kigali amubajije aho aturuka asanga baturuka mu ikomini imwe amugira inama yo gutaha).

UJYANAMA : (Atemberana na Mugenzi) Ese Muge.. Warebye wa mupira w'ejo? N'impuzamahanga pe! Wabonye ukuntu babasore bagurukaga nk'inyoni?

UGENZI : Narawurebye: Aliko ngaho nabona umupira uteye ukwawo!

UJYANAMA : Narabonye we! Ntawabona uko abivuga. Eh ! dore uliya muhungu di ugaramye mu gihugu!

UGENZI : Ko ntawe ndeba njyewe!

UJYANAMA : Uliya siwe hepfooo! Haliya kuli kiliya giti!

UGENZI : Aaaaa! Namubonye!

UJYANAMA : Reka muhamagare! Yewe sha! Wowe!wowe undeba! Ntabwo unyumva?

ZIKIZA : Njyewe!

UJYANAMA : Yee! Ngwino nkubwire! (avuga buhoro) Kiliya cyana n'ikiwacu none kirashaka kunyirengagiza, aliko umenya cyo kitanzi!

UGENZI : Erega buliya afite isoni! Wowe ntubona uko asa? Wagirango Yatonganye na Sulfo! Do! Ntazi n'igisokozo!

UJYANAMA : Aliko se buliya yaje inaha lyali? ! Sha Muge... iwabo ni abakungu nta kintu babuze aliko nawe reba ukuntu yaje kwigira ikigegera! (Baseka)

IUGENZI : Mbese ubwo ni abakungu-jumba babandi wabalizaho imyaka iyo iva ikagera, aliko ntube wababalizaho ifaranga!

IUJYANAMA : Buliya umubona yarangije CERAR none reba ukuntu yaje kwigira!

IUGENZI : Kandi bulya mu cyaro niho hali amafaranga, uretse ko urubyiruko rw'ubu rutabikozwa ngo keretse birukiye umujyi! Bahagera babura icyo bakora bikabaviramo za ngeso mbi zose zirangwa mu mujyi!

IZIKIZA : NDABITABYE Shef!

(Baramukanye bose!)

IUJYANAMA : Waje inaha lyali mwa!

IZIKIZA : Nahaje mu kwezi gushize!

YANAMA : Uranzi njyewe?

IZIKIZA : Numvaga njya kukumenya áliko nkibagirwa aho nakubonye.

IUGENZI : Ubu se shahu ukora iki inaha ko ubwo waje ushaka akazi!

IZIKIZA : (Ababaye) ukora se asa nanjye, narakabuze da!

IUGENZI : Ubwo se wumva ukeneye nk'akahe kazi?

IZIKIZA : Njyewe nakora ibyo nshoboye kandi nize nko : kubaka - kubaza ndetse n'indi milimo nabona nshoboye!

IUGENZI : Ooh ! Mbese walize?

IUGENZI : Ko ndeba se mwana wa mama washavuliye inaha witahiye hali icyo byagutwara?

IZIKIZA : Njyewe nashatse gutaha mu gihe gishize mbura amafaranga none ubu maze kumenyera!

IUGENZI : Ubu se ukora iki? Urara he?

IZIKIZA : Ahaaa, namwe murashaka kunzimuza da! Ndabikubwira hanyuma ngo bigende bite?

IUJYANAMA : Umma! Umva sha! Nkugiliye inama ya kigabo nakubwira rwose ko wakwitahira ukajya gufasha ababyeyi imilimo y'amaboko, reba nawe ukuntu ugereranye n'uko wali umeze uli muli komine! Warananutse washizeho kubera kutabona icyo ulya kiguhagije! Erega ndumva so muzi si ntuza! Ni nde!

ni RUCYAHA NA!

IKIZA : Niwe rwose!

JYANAMA : Maze nkubuliye muli ino minsi hazaba imikwabo yo gufata inzererezi kandi urumva ko nawe ulimo! Tuvuge ko ufite ibyangombwa byose! Sibyo?

IKIZA : Oya ntabyo mfite byose!

JYANAMA : Njye rero nitwa Mujyanama ngwino nkujyane aho ncumbitse ejo mu gitondo ndaguha amafaranga utahe, ujye gutegulira umwaka wanyu w'Urubyiruko muli Komini!
Ubu uli mu mubare w'abateye imbogamizi hano mu mujyi! Reba biliya bihuru mwilirwamo ntubona ko ali imbaraga zipfa ubusa! Iyo uba mu cyaro uba utarageze kuli byinshi utekereze umugani uvuga ngo "Akimuhana kaza imvura ihise", nizeye ko wumva icyo bishatse kuvuga!

GENZI : Ndabona ibyo uvuga asa mutabyumva neza: Nyamara shahu iyo yali inama koko ukajya gufasha ababyeyi. Dore bulya ntawe umenya igihe inkuba ikubitira! Ubu ntubona ko tuli kumwe nyuma y'isaha wajya kubona ukabona baragutwaye, reba rero ugiye gufungwa kandi twali twakugiliye inama, urumva ko ibyo bitadushimisha!

IKIZA : None se ko kugera kure ataliko gupfa, ubu nakwiheba ngo nta kazi nteze kubona? Byatinda aliko wenda sinabura umugiraneza ukampa!

JYANAMA : Utabonye se uwo mugira neza? Mwebwe ntimugashakire ibintu aho bitali, mu cyaro hali imilima myinshi ibategereje mufitiye ubushobozi kandi yabagilira akamaro, igatuma mumererwa neza kurushaho! None murarangiza za CERAI mukarorongotana mugana umujyi ukaba wakeka ko muzanye impamyabushobozi ihamye!

IKIZA : Nyamara iyo tujya gushaka akazi, dushaka akazi dukulikije urwego tulimo kandi rero no guhinga ntitubyanga! Nta kuntu twarwanya umwuga w'abakurambere kandi ukaba udutunze. Nawe rero urabyumva nta kuntu waba ubonye akandi kazi ngo ukirengeshwe, ikindi nuko utakwicara ngo ka kwizanire!

JYANAMA : Yee! Aho uhavuze neza rwose!

.../...

NZIKIZA : Ndacyakubwira! Njye mva muli Komini nali mfite 4.500 F nyakesheje imboga nahinze, nkimara 'gukandagira mu mujyi ibyiza byawo birantaha, nkalya amafranga ntatekereza ejo hazaza; ubwo nsesa utwanjye ndishimisha, naratwawe n'amaraha; ibyo birangiye mbura amikoro ndashubere! ubukene bunzaho bwihuta, ubwo mfata utwanjye ndatugulisha ngo none nabona ifunguro lintunga, ibyo birangiye nsubira ku kanjye, ndasonza cyane ibi byimazeyo, ngira igitekerezo cyo kujya kwiba mfata n'umugambi wo kujya niyorobeka ahantu nka haliya munsanze. Ubwo simve mu ndili yanjye ngo ntahura mabo twasangiye nkabanjisha bakantererana mbareba!

MUJYANAMA : Yooo! Warahababaliye ko sha! Ntiwumva ko inama nakugiraga ifite ishingiro?

NZIKIZA : Wahora n'iki! Ibyanjye si ibyo gusa! Ali ibibi byambayeho nduzi ali nabyo byinshi, ali ibyiza byose ni kimwe! Aliko koko muli iyo minsi ya mbere namerewe neza! Uretse ko muli iyo minsi nabonye ikiraka nkakirengeshwa, icyabiteye nali ngifite amavamuhira, kwali ukubaka inzu ya m 5 kuli 4 muli iyo minsi rwose nali meze neza! Ninde uli mu mabare akomeye? Ni NZIKIZA!

MUJYANAMA : (ASEKE)

NZIKIZA : Ninde rudatangwa mu bitaramo? Ni njye NZIKIZA! Muli icyo gihe yali yarabaye amazi kuli njye, Nali nsigaye nyita ngo ni igikatsi cy'abatindi! None nabuze amikoro ndiyanga nta no kwikamira amabwabwa! Maze rero mwene wacu ngo ujya gufataihene ayifata igihebeba, ungaruliye mu maguru mashya ntararenga ihaniro! Ubu rwose nkulikije inama wangiliye guhera kuli uyu munota niyemeje gutaha ntakindi ndenzaho!

MUJYANAMA : (ASEKE) Hahaaaa! N'uko sha! N'ubundi umugabo ni uwisubiraho!

NZIKIZA : Nkataha iwacu nakora neza nkarebwa nkanashimwa ndetse nkateza imbere urugo rwacu nkaba n'inkubito mu baturage, nkaba n'umutoni imbere y'abacu.

MUJYANAMA : Ni uko rwose!

NZIKIZA : Dore rero imigambi yanjye n'umfasha koko nkataha: Icyambere nuko nzashimisha ababyeyi banjye uko babishaka, ibyo bigakomoka mu bikorwa byanjye, mbese nkabibagiza agahinda nabateye njya kuza nkabasaba imbabazi!

. Ikindi nzakulikiza inama abakuru baduna, mparanira amajyambere rusange y'icyaro, ngira urubyiruko bagenzi banjye inama yo kureka igitekerezo cyo kujya mu mujyi, mbagezeho amateka y'ibyambayeho!

. Hanyuma tukarwanya ubujiji, no guhagurukira ibikorwa by'ubuhinzi turema amashyirahamwe!

JYANAMA : Uramutse ubikoze nkuko ubivuga waba uli icyatwa, ukaba n'intanga rugero mu karere k'iwanyu!

.IKIZA : Mujyanama uli Mujyanama koko baravuze ngo inshuti iruta inshuro none ndabibonye, nyuzwe nizo mpanuro umpaye none simfite kukubahuka bikabije ngo ngusuzugure kuko ibyo wambwiye byose waba wataye inyuma ya huye; nkulikije n'imigani numvanye abakuru ngo "ucira injiji amarenga amara ibinonko" cyangwa ngo "igitsure cy'utaguhatse ugirango niyo ndoro"!
Izi nama wampaga si ukunyanga, ahubwo wagirango ungarure mu nzira nziza!

JYANAMA : Ngwino dutahe buracya utaha, uzinduke kugirango ugende muli za modoka zizinduka!

ISENI YA GATATU.
===============

(NZIKIZA atahutse ageze iwabo avuye i KIGALI)

.IZA : Muraho! Muraho yemwe! Yemwe we! (yivugisha)
Aliko aho baliyo? Cyangwa se yenda bali mu gikali, ndumva na Radiyo aliho ivugira; reka njye kureba!
Muraho yemwe!
(Nyiramilimo yumve ijwi lirembera)

IRAMILIMO : Aliko uwo ninde udusuhuza? Nimufunge niyo Radiyo niyumvire umuntu usuhuza, ameze aliko nka NZIKIZA!

JCYAHANA : Aliko wa mugore we uzumva ibishwi n'ibisiga biguruka ngo ni NZIKIZA! Ubu ko ali umuherwe waho cyangwa yarapfuye wabimenya? Ubu si ubugira gatatu umwikanga!

.../...

NYIRAMILIMO : Abagabo aliko mwishongora nabi! Amba! Dore niwe wadusuhuzaga ntimwumve!

RUCYAHANA : Niwe! Niwe se koko!?

NYIRAMILIMO : (Yihutire kumuramutse yishimye) Niwe rwose! Mbe uraho NZIKI...! Uraho mwana wa... (amuhobere)

NZIKIZA : Ngaho turaho Mama!

NYIRAMILIMO : Muraho murakomeye ni amahoro!?

NZIKIZA : Ndaho ni amahoro!

RUCYAHANA : (Aze aseka) Yooo! Uraho sha!

NZIKIZA : Muraho Papa!

RUCYAHANA : Twalimo kukuvuga, rwose mu kanya gashize ndetse umenya watwumvaga, tuvuga ngo ubu yarakize!
Yewe jyana icyo gikapa (igikapu) mu nzu nze wicare hano, dore nyoko akuzaniye intebe, utubwire n'amakuru yo mu Rwanda rw'iyo!
Nyiramili...! Biratangaje rwose! Uzi kumva neza pe!

NYIRAMILIMO : Ntakubwira ukankwena! ukuntu wali unshokanye se! Ngo numva ibishwi n'ibisiga data!

NZIKIZA : Ese wali wumvise ko ali njye Mama? Ubu wali ukibuka ijwi lyanjye?

NYIRAMILIMO : Ntabyibuka se! Aliko ye!

RUCYAHANA : Njye niyumviraga utulilimbo two mu i Radiyo sinali nakumvise rwose! Aliko se mwa ubu waturutseyo lyali? Ndabona warananutse warashizeho!

NZIKIZA : Naturutseyo mu gitondo kare, uretse ko nageze ku muhanda nkahatinda gato ntegereje imodoka, n'izazaga zikaza ali amataxi ahenda ngo kugera urwimaha ni 200 kandi njye nzi ko ali ijana na makumyabili (120 F) nkibaza niba ibiciro byarahindutse bikanyobera!

NYIRAMIMO : Amata agize se n'iki ko iyo modoka ali ubwa mbere nyumva muli iki gihugu cyacu?

RUCYAHANA : Wa mugore we nawe ubusanzwe uli injiji! Ubonye ngo uyoberwe no kuvuga Tagisi (akubite ku munwa) Yababaoa! Ya modoka imeze nka Kombi! Kombi

Kombi se kandi nayo ntuyizi?

NYIRAMILIMO : Ndayizi, niba aliyo ndayizi! Si za modoka zifunze hose zifite ibirahuli mu mpande? Icyo ntalinzi n'uko zitwara abantu! Nalinzi ko amatiyota aliyo atwara abantu!

NZIKIZA : (Aseka) None umuntu yaba ayiguliye iki? Yibaye wali uzi impamvu kuyigendamo bihenda!

NYIRAMILIMO : Ni kuyihe mpamvu?

NZIKIZA : Impamvu banyirazo bitwaza ngo ugenda heza; hali n'izibamo Radiyo cyangwa Kaseti; bo rero bakitwaza ngo waje wumva n'umuziki wabo akaba aliyo mpamvu ugomba gutanga amafranga y'ikirenga!

RAMILIMO : Niko se mwana wa! Iyo Kaseti uvuga ni nka cya kiradiyo cya mwene BAHUFITE?

NZIKIZA : :Yee! Ni uko wabimenye mbese! Aliko iyo mu modoka ntabwo ali kurya iteye, indi hali ukuntu bayishyiramo igakorana na moteli. Njye rero sinabona uko mbisobanura!

RUCYAHANA : Komeza utwibwilire ibyo urugendo rwawe.

NZIKIZA : Njye rero nabibonye ntyo nisunga abasore twali kumwe dutegereza otobisi (Autobus) niyo tuzanye tugeze i Nyarurembo saa tanu. Nkimara kuvamo nkubitana n'umuhungu twiganye ansengerera amacupa atanu ya byeli.

RUCYAHANA : Eh! Eh! Uziko twibagiwe di! Nyiramili..Tabara twibagiwe kumuha kuli rwa rwagwa! Gira vuba!

NYIRAMILIMO : Nanjye sinabyibutse! (agende) Arakubwira ko yanyoye byeli nawe ngo urwagwa!

RUCYAHANA : Uziko uteta mu cyayenge! Ubwo ulibwira ko iyo nzoga ikimulimo? (Aseke) Yewe ni akumiro!

NYIRAMILIMO : Ubanza nali ncitswe!

NZIKIZA : Uwo muhungu navugaga yali inshuti yanjye kandi nawe ntiyabyibagiwe!

NYIRAMILIMO : Mwakire!

RUCYAHANA : Ese wabanje ugasomaho?

.../...

NYIRAMILIMO : Yewe! Ahaaa! Rurakalishye n'urwabagabo! Nkanjye nsomyeho nakaranga ibivuzo mbyita isupu! Mwakire!

RUCYAHANA : N'uko urakoze, uragahora unyibuka utya! (Asome ahereze NZIKIZA) umva uru n'urwagwa! Ndarugushimiye somaho nawe wiyumvire!

NZIKIZA : Ubwo urarushima ubu n'urwabagabo ko! Ese nink'izo musanzwe muhisha?

RUCYAHANA : Somaho gusa! None rwakugarulira imbaraga wataye uzamuka kiliya gisozi.

NZIKIZA : (Asomeho) Hahaa! Uru ni urwagwa pe! Yewe uru ni urwagwa nkaba umuntu! Aliko rero inyota yali inyishe uretse ko nali nanze kubivuga, ahuu! Ngera hano aliko nali nahumuliwe inzoga!

[illegible]YAHANA : Komeza ibyo watubwiraga!mu kanya!

NZIKIZA : Halya sinavugaga ibya wa musore twiganye?

RUCYAHANA : Yee! Niwe wavugaga koko!

NZIKIZA : (Ahereze se agacuma) Aho maliye gutandukanira n'uwo musore, namanutse kuli Mubuga nanyuze kwa Sekabwa banywa ikigage numvise aliko kitalyoshye! Kubulyo nasomyeho nkacurura nkahita nsezera! Niko kugera hano ntahandi nanyuze! Naje kumva muvuga ngo narananutse! Nti mwabeshye kuko nanjye mbyibonaho; muti ese byagenze bite? Sinigeze ndwara rwose, ahubwo ni inzara yali ingeze kubuce, uretse ejo, naherakaga kulya lyali!! Nyuma y'iminsi itatu!

RUCYAHANA : RAHIRA! Nawe se wakumva inzara!?

NYIRAMILIMO : Ejo se ibyo waliye wali ubivanye he? Atali wowe! Twe turalya amabondo akeguka ndetse bikatugagana tukamena none wowe urataka inzara!

NZIKIZA : Erega munyumve neza mu cyaro sikimwe no mu mujyi uretse ko ejo nagize Imana nkagobokwa n'umuhungu wepfo iliya mwene nde? Yitwa MUJYANAMA uwo muhungu. Niwe wankoze ku munwa n'ubu niyonaraye, ampa n'amafranga yanzanye, naho ubundi i Kigali haragatsindwa! Ubuzima bwaho buraruhije nanjye narabyiboneye rwose!

.../...

RUCYAHANA : Nta kubwira se mwana wanjye ukananira!
Dutekerereze uko wahabonye!

NZIKIZA : Rwose ubu ntacyo navuga! Naragenze ndabona! Kigali uko bayivuze n'ukuli pe! Ntiwumvise wa mugabo uvuga kuli Radiyo ati "Nyarugenge igendwa n'abifite" Ntiyabeshye!

RUCYAHANA : Nyarugenge halya niyo Kigali?

NZIKIZA : Oya! Nyarugenge niyo yubatsemo Umurwa Mukuru w'u Rwanda Kigali.
Kigali rero mwumva ni umujyi ulimo ibyiza byinshi. Yewe! Amazu meza, amataje mujya mubalirwa, amamodoka ishyano n'agashyano! Byeli rero yaho ikonje sinabona uko nyivuga usomaho ikagukura amenyo ni nk'urubura! Ntarashavura niyo nisomeragaho (bose bamuseke)!

NYIRAMILIMO : Yewe! Wabonye ibyiza koko!

NZIKIZA : Nibyo se gusa! Ndacyababwira! Mwaba muzi igisiga?

NYIRAMILIMO : Nka biliya biguruka se?

NZIKIZA : Ndi i Kigali narakiliye rwose!

NYIRAMILIMO : Erega warasaze wo gacwa we! Ukalya igisiga uko ungana uko?

NZIKIZA : Si igisiga nka biliya ubona biguruka, ahubwo n'inkoko iba itetse uko yakabaye, ilimo umuceli, iralyona atasiyo!

RUCYAHANA : Mugira ibyo mukunda nicyo cyabararuye umutima!

NZIKIZA : Uwakwereka udusore twaho n'inkumi zaho zakirana nk'izuba.

NYIRAMILIMO : Yeheee!!!!

NZIKIZA : Bambara neza! Basa neza! Bagendera umutima!
Indoro nziza! Bazira amabinga! Nta mukara ubabamo.

RUCYAHANA : Ko ntawe ndeba uzanye?

NZIKIZA : Oya uwabakwereka basohotse igihe cya WEEK-END cyangwa se bavuye ku kazi!
Ingorane zaho aliko nazo ntizoroshye, ikintu cyaho cyose ni zana ifaranga! Namwe nimwiyumvire rwose kubona amazi yaho agurwa!

.../...

YIRAMILIMO : Ndakaba macinya! Ni uko bimeze!? Koko abahandi baralira!

ZIKIZA : Muravuga mwebwe! Ko imisarane yaho kuyijyamo ko bitoroshye iba ifunze n'ingufuli! Ndetse hali n'abayifite mu nzu! Indi rero kuyijyamo ni ugutanga amafranga!

UCYAHANA : Mba nica Nyabitare sinajya ku mama munzu! Nkarenga rero nkatanga n'amafaranga koko! Nareba aho nikinga da!

ZIKIZA : Wakwikinga se he ko hose hali amazu? Kandi rero niyo wahabona birabujijwe kwituma kugasozi, waba uratera macinya!

UCYAHANA : Yewe! Ntibyoroshye! Aliko se shahu mwana wanjye uzanye iki?

ZIKIZA : (Ababaye) Rwose babyeyi, mbere yo kugira icyo mvuga mbanje kubasaba ko mwagira impuhwe, mukambabalira amakosa yose nabagiliye, ibyo nakoze ndabizi, nabateye agahinda. Muli rusange ndabona ko nabasuzuguye kandi bitali bikwiye umuntu nkanjye. Nyuma naje kwicuza mbonye ko ibyo mwambwiye ali ukuli koko!
None babyeyi kuko nabacumuyeho, nali narayobye, nararorongotanye, kubw'Imana ndabagarukiye, icyaha cyanjye ndacyemera, ahasigaye muntegeke icyo mushaka!
Rwose ndahiye nkomeje ko ntazongera, nje kubicara iruhande mfatanye namwe imilimo y'urugo rwanyu alirwo rwacu!

UCYAHANA : Ndeka! Ndeka sha! Nkulikije agahinda wanteye, nkarara mpangayitse, sintore agatotsi ngira nti "ubu yarapfuye" Twalya bikatunanira kubera kukubura, n'andi magorwa menshi twagiye duhura nayo ntashoboye kukubwira! Sha! Nyoko ni agutegeke!

YIRAMILIMO : Wamwitegekeye wowe ko ali umuhungu wawe! Aliko ye! Ulinda ubinyegekaho kubera iki?

UCYAHANA : Abagore mwahawe umwanya n'urubuga mu mategeko, none nawe gira icyo ubivugaho, amategeko si ay'umugabo gusa!

.../...

NYIRAMILIMO : Njye icyo nabivugaho n'uko twakwishima, ibyali bitubabaje bikomotse kuli we, tukabyirengagiza maze tugahsimira Imana yo ituzaniye umwana, akaba atahutse amahoro. Njye rero icyo nasaba ni uko yakongera akatubera umwana nka mbere ndetse akarushaho! Nta kindi!

RUCYAHANA : Sibyo sha! Ubwo wumvise ibyo nyoko yavuze?

NZIKIZA : Ndabyumvise rwose Papa! Ndabishimye kandi nzabikulikiza!

RUCYAHANA : Maze rero mwana wanjye, nizeye ko utazabirengaho!

NZIKIZA : Njye rwose nzabigaragaliza mu bikorwa byanjye!

RUCYAHANA : Ni uko sha! Yee! Ntuzadutenguhe pe! Ube uje uje!

NZIKIZA ! Mwabonye ko ntakintu nazanye kubera amahirwe ataransekeye, kandi ngira ngo namaze kubibabwira, napfushije igihe ubusa ndabizi!

RUCYAHANA : (Aseka) Ese ubundi wasuzugura ababyeyi ukagira amahoro!

NZIKIZA : Nubwo ntacyo nzanye kigaragara, nzanye imigambi y'ibikorwa bizanteza imbere ngomba kuzakora.

NYIRAMILIMO : (Atangaye) Ayo majyambere se uzanye ni ayahe?

NZIKIZA : N'ubwo ntacyo nzanye kigaragara, nzanye imigambi y'ibikorwa myiza. Ntuzi ko se uyu mwaka ugiye gutangira ali " Umwaka w'Urubyiruko kw'isi hose? Nanjye rero ngomba kuwugiramo umwihaliko (uruhare) ukomeye!

RUCYAHANA : Ubwo se urumva uzakora iki kizatugilira akamaro kikagilira na rubanda nyamwinshi, kandi uziko amajyambere atali ay'umuntu umwe! Alitwe twakubyaye, ali na bagenzi bawe, ndetse n'abandi bose uzabamalira iki mu by'ukuli?

NZIKIZA : Njyewe ntawe nijeje ibitangaza, aliko nkoresheje amaboko yanjye n'ubwenge bwanjye, mbifashijwemo n'Imana kuko aliyo dukesha byose, ikazamfasha nkagera kubyo nateganyije! Dore uko mbitekereza!
Mbere na mbere ndateganya kuzahinga ishyirahamwe ly'urubyiruko, tukishyira hamwe tugahinga imboga kandi tukorora bya kijyambere, bityo tukagera ku majyambere ibyo bizashoboka bagenzi banjye nabo nibabyitabira!

.../...

RUCYAHANA : Ubwo se urabona muzahinga he? Aho wenda wakwadukira mukampingira ngo ayo ni amasesereti (société) uwo rero niwo mugambi uzanye!

NZIKIZA : Rwose munyumve neza! Nta sambu yanyu tuzakoraho kuko haliya hepfo hali igishanga cya Komini n'imilima ya Segiteli, tuzayisaba kandi bazayiduna kuko muli iki gihe Leta ishyigikiye amashyirahamwe!
ubwo rero ahasigaye hazaba ali aho amaboko yacu da!

RUCYAHANA : Ahaa!! Mbiteze amaso! Yewe! Nzaba ndeba iyo kamparative yanyu icyo izageraho! Nzabashyigikira gusa!

NZIKIZA : Tuzagira vuba ku bulyo tuzajya no mu marushanwa ateganijwe muli uwo mwaka, sinshidikanya ko nidukora uko bikwiye bizaduhesha umwanya mwiza tukaza mu bambere! Ikindi twasaba Komini n'uko baduha umuganda wadufasha gutunganya kiliya kubuga, tukazajya tugikoreraho imikino ngorora mubili kuko hali n'amarushanwa muli urwo rwego kandi ntawe utazi ko ndi imena muli ino Komini yose! Mulibuka ko bahoraga bantumaho muli iyo mikino. Nzakoresha uko nshoboye kose mbitoze na bagenzi banjye! Utwo tubazo rero nitwo tuzagera ku bashinzwe kutuyobora!

RUCYAHANA : Aliko mwana wanjye nimugira amatiku ntacyo bizabagezaho! Naho ubundi ni byiza da! Uko bili kose nzabishyigikira nabatere n'inkunga! Alikooo!!
Ndibutse! Ejo tuli k'umuganda Konsiye yatubwiye ko mu cyumweru gitaha kuwa gatatu hali inama y'urubyiruko ngo tukaba tugomba kubirumenyesha! None rero uzajyeyo wumve ibizayivugirwamo!

NZIKIZA : Shyuu! Murakoze kubimbwira rwose! Nzabanza mbonane na bagenzi banjye tubyige hanyuma nzajyane n'ibarwa isaba imilima byose mbirangilize limwe.
Naho ubundi hali amarushanwa menshi da! Hali n'ilyo nibagiwe ly'ubwanditsi mu rwego rw'umuco, aliko muli bagenzi banjye ntawabishobora, uretse ko nzapfa kugera geza nkareba!

RUCYAHANA : Yee ! Rwose uzajyeyo rwose! Bulya no kujya aho abandi bali bifite akamaro! None wazazana amajyambere muli aka karere tutigeze tubona! Bulya kwiga bifite akamaro iyo utaza kwiga uba utekerezautyo?

NZIKIZA : Naho ubundi sinakwiha gukora njyenyine ngo mbishobore, bajya kuvuga ngo nta mugabo umwe! Gusa ndashimira umugira neza watumye mva i Kigali! Koko inshuti nyayo iboneka mu kaga! Ahasigaye ejo nindamukana imbaraga nzajya kureba abo bahungu mbagezeho uwo mugambi, nibawitabira ni uko!

RUCYAHANA : Nushaka ntuzilirwe ujyayo, barapfa kumva ko waje, uzabona ejo basesekaye aha, uzaba ureba!

NZIKIZA : Nawe se! Ubu barankumbuye abantu tudaherukana! Barankundaga aliko! Ngo ndabasetsa cyane! Yewe! Ndumva ndushye mu kanya ngiye kulyama!

RUCYAHANA : Reka tumare aka kayoga ndetse baduhe akandi turasomeza ibilyo.

NYIRAMILIMO : Aliko mwayavuze ye! Ubwo amagambo ntiyabashizemo? Uwaca haruguru aha yakumva ko ali abanywi bataramye.

RUCYAHANA : Ubundi se urabona tutarangwa, hali akandi karoli tulimo?

NYIRAMILIMO : Nimuze ku meza! Nababwira iki muyavuge murangije gufungura!

RUCYAHANA : Nuko rata uravuga neza! Umuhungu wawe yishakiraga kulya ni uko wamubujije(Begera ameza, barafungura)

ISENI YA KANE :(Abasore b'inshuti za NZIKIZA
============>- baza kumusura).
(Maze basuhuzanya bishimye kuba bongeye kubonana).

NZIKIZA :Oooh! Sinjye wababona uzi ukuntu nali mbakumbuye!"

MUNYAKAZI :Hora sha! Nitwe twashavujwe no kumva ko utakili ino! Ese aho urahamara kabili ko ubu wabaye uw'umujyi?

NZIKIZA :Have sigaho! Uwo wanga uzamutuke uti urakaba i Kigali nta kazi ufite! Si ahantu h'i Rwanda!

GAKIRE :Aliko Nzikiza, ubu amanote ntiwagwije! Hali uwakwihandagaza akavuga ko waje imbokoboko!

.../...

NZIKIZA : Hmn (yimyoze) Reka rero ngusobanulire Kigali kugirango urusheho kuyumva neza! Kigali ni Umurwa Mukuru nkuko ubizi! Kigali rero ituwe n'abantu b'amoko yose; hali abahatuye ali kavukire kaho, hali n'abandi baturutse muyandi maperefegitura, ntibagiwe n'abanyamahanga bahali.
Muli abo bose nkubwiye ntawe ufata isuka ngo ahinge batunzwe no guhahisha amafranga bakorera!
Iyo urebye rero mu mujyi usanga higanje urubyiruko kandi rw'imburamukoro rwilirwa ruzerera, Leta rero ikaba ibarwanya cyane ngo basubire muli Komini!
Baragende bamara kubura akazi i Kigali bagahinduka ibyomanzi n'amabandi, nanjye rero iyo ngumayo ni uko byali kuzangendekera!

GAKIRE : Yohoo! Ese ni uko hameze? Kagire inkuru!

NZIKIZA : Ibyo rero iyo urebye usanga bidakwiye umusore n'umwali w'u Rwanda! Ntureba uko ungana uko, uwakujyanayo ukamarayo icyumweru waba umaze gukonkoboka!
Iyo udakubitanye na malariya ukubitana n'inzara!
Hakwiye kuba abantu bifite! Naho ubundi!...

GAKIRE : (Aseka) Dore rero igitumye ntajya i Kigali: Ubu rwose unkuye umutima, ndumva mpazinutswe pe!
Ashwi! Singiye kwiyahura ndeba,nkabona warananutse warashizeho?

NZIKIZA : Aho nagushyigikira rwose! Njye nasize ntambitse agati mu nzira!

MUNYAKAZI : ubu ntuzasubirayo rwose?

NZIKIZA : Sinzasubirayo rwose!

MUNYAKAZI : Aliko ubundi muba mujya he? Kumva ngo mwalize ko! Icyaro muba mugihungira iki? Njye ndabaseka cyane!

NZIKIZA : Shahu jya uvuga uzigire ntawe umenya uko bucya bimeze! Ubu njye nahuye n'umubabaro mwinshi, nabonye ibyiza n'ibibi, naho se ubwo wowe uzi iki ko uli uwo murutoki Reba kugira ngo mbe mpamaze amezi angahe ntunzwe n'ifaranga, amazi yaho ali ukugurwa, W.C. zaho kuzijyamo zimwe ni ugutanga amafaranga, kandi ntakazi ngira nta nuwo nibye!

.../...

(Bose birabatangaza)

KIRE : Ndumiwe n'impamo y'Imana!

NYAKAZI : Ahaaa! Ngo utajya ibwami abeshywa byinshi, sinumva ukuntu umuntu yabura aho acukura W.C.!

IKIZA : Ugiye yo nanjye byamfasha, ibi byose nkubwiye ukabyibonera! Maze ukajya wilirwa usamira isazi mu kanwa nka Bihehe!

KIRE : Sha wowe ugiye waba umunyakazi w'ipiki n'iposhoro nkuko izina lyawe libivuga! (bose baraseka)

NYAKAZI : Have Gakire wincyocyora bigeze aho!

IKIZA : Ntureba uko nsa uku, mu minsi ishize ntitwali guhura ngo umenye, n'ubwo i Kigali nahababaliye, hali igihe nahamerewe neza n'ubwo kitali kirekire. Nali mu rwego rwa babasore bita abajeve (G.V.). Dore njyewe najyaga nko mu ihoteli bakabona nkomeye da! ubu nigeze kuba umuntu!

KIRE : Njye aliko hali icyo nenga ku rubyiruko rw'i Kigali, nka babandi biyita abafana ba BOB MARLEY cyangwa abafana ba JACKSON, ugasanga bambara ibintu biteye isoni!

IKIZA : Abo njye ndabarwanya, ni abashaka gutesha umuco wacu agaciro, narababonye aliko njye simbashyigikiye.

KIRE : Aliko NZIKI... ubundi ujya kujya i Kigali kuki utabanje kutugisha inama, biratubabaje kuba warabaye utya, nyamara twe turalya ibilyo tukabitema nk'abatema amasaka!

IKIZA : Iwacu se ntibampanuye nkanga banga ko ngenda nkanga nkabima amatwi! Naho i Kigali harakagira Imana y'i Rwanda iyo mu mahanga irorere!

NYAKAZI : Ese abakecuru n'abasaza bagiye he?

IKIZA : Papa yatabaye kwa karasanyi naho umukecuru yagiye gukura ibijumba.

KIRE : Nagirango bataza kumva ayo tulimo kandi rero tulimo gusakuza cyane, kandi gusakuza gutya mu rugo rw'umugabo si byiza!

.../...

NZIKIZA : Reka ntacyo!

GAKIRE : Reka rero ngusetse, iwacu bamaze iminsi bandaza ku nkeke ngo bansabire, kandi njye ikibazo cyo gushaka nti kindi mu mutwe, ngo bo rero barashaka umukazana! Nzagumya mpanyanyaze nabo umugambi nali mfite wo kwigira i Kigali ndawanze! Kigali yanteye ubwoba!

NZIKIZA : (Yiyamire) Ntiwumva! Umva ko abana b'ubu twananiranye! Ababyeyi b'ubu nabo... Ahaa! Abantu bahatira abana gushaka! Rero bitwaza ko ngo twilirwa tubuyera nk'igihu cya Nyantango, nanjye nicyo nali napfuye nabo, bo rero bajya bavuga ngo twarananiranye nukooo, baduhatire ibyo tudashaka kubera iki? Reba rero urarwubatse nta n'ikuta wifitiye uzanye mwene rubanda akurwaliye bwacyi mu maso, kandi so ntacyo aba akikurwanyeho biba birangiye!

GAKIRE : Nkaho baretse ngo tubanze tumenye akenge, tubone agafaranga ko kurushinga, naho bo ngo "Reka tugusabire" n'ibindi. (azunguze umutwe) Hmn! Biratangaje! Maze bajya kubikubwira bagatangira bakakulyoshya ngo "nzakubakira, nzagukwerera nicyo cyali kigiye gutuma mbahunga. Mu minsi mike ntawali kuzongera kunca ilyera, none ubu bazajya bavuga mbohorere, aho kugirango ngende ngaruke nimyiza imoso!

MUNYAKAZI : Nabumviye! None nasanze ko kwirukira mu mujyi twali dukwiye kubigendera kure!

NZIKIZA : Ibyo tubyihorere!Maze rero nagirango ngire icyo mbibalira! (Bose bamutege amatwi!)
Niko uyu mwaka tugiye gutangira murawuzi?

MUNYAKAZI : Nziko ali umwaka w'1985 gusa.

NZIKIZA : Ndababaza intego yawo!

MUNYAKAZI : Perezida atarawuha izina!

GAKIRE : Icyo nzi njyewe kuli uwo mwaka nkuko nashoboye kubyumva kuli Radiyo ngo ni umwaka w'urubyiruko kw'isi yose!

NZIKIZA : Kagire Imana na Leta! Niko se, murumva mufite migambi ki muli uwo mwaka?

.../...

GAKIRE : Ndumva nta mugambi ndafata, nzakora nkuko bisanzwe!

MUNYAKAZI : Sha nanjye ndumva ali uko! Ikindi se twakora n'iki?

NZIKIZA : Yewe ! Amashuli make atumaliye abana, ubwo ni ubujiji pe Nibura nta numwe uvuze ati "nzakora iki gutya na gutya" maze nubahilize umwaka w'urubyiruko! Aliko munyumve neza!

MUNYAKAZI : Erega ni wowe utubereye ku isonga gira inama watugira!

NZIKIZA : Windogoya! Nubwo tutali twese sinabura kugira icyo mbabwira; ubu icyo twashima ndizera ko bagenzi bacu batakigaya. Njye rero hali umugambi nshaka kubagezaho, iyo urebye usanga aka karere kacu karasigaye inyuma kubera ubujiji, none nkulikije ko twe urubyiruko tuli abajyambere, nzilikanye ko dufite amaboko tugomba gukoresha, ntekereje ko tugomba guhesha umulimo w'amaboko agaciro bityo tukagera ku majyambere nkuko Umukuru w'Igihugu akunze kubisaba. None nagirango twishyire hamwe tureme ishyirahamwe ly'ubuhinzi n'ubworozi byibuze uyu mwaka utaha ukazashira ufite icyo udusigiye kigaragara, kandi muzi ko uwo mwuga umaze gukiza benshi.

MUNYAKAZI : (Akoma amashyi) NZIKI... guhera ubu ndakwemeye uli umugabo! Ku bwanjye ngushimiye ko uhora ushaka icyaduteza imbere. Ntiwagendeye ubusa!

GAKIRE : Njye ndabishimye nta nicyo nongeraho, gusa ni byiza cyane biratuma tuva mu bukene tubikesheje ibivuye mu maboko yacu bwite! Koko abatagayana baraganira! Ubu ndumva ibinezaneza ali byose!

NZIKIZA : Bulya umuntu abereyeho gukoresha umutima-nama we ukamuyobora kubyo agomba gukora. Ntitwakwicara ngo twituramire ngo tuzagire icyo tugeraho, bajya bavuga ngo ubwenge bw'umwe burayobera!

GAKIRE : Ibyo utubwiye ni byiza turabishimye baravuze ngo "kora ndebe iruta vuga numve, rwose ibyo tuvuze ntibizahere mu magambo niyo mpamvu tugomba guhita dutangira aliko ndumva halimo akantu k'ingorane. Bulya iyo umuntu afite umushinga agomba kuba yateganyije byose, none ndumva hakenewe imilima yo guhinga. Umva ntitwakwadukira imilima ya ba Data ngo abe aliyo

duhinga "utazi ikimuhatse sinzi icyo areba".
Indi ngorane ni iy'amafaranga yo guhemba abakozi bo kuduhingira!

IKIZA : (Aseka) Aliko kano gahungu ntikishyamanza ye! Hahahaaa! Komeza ndagusubiliza limwe!

KIRE : Indi ngorane aliyo yanyuma njye mbona ni ukumenya umusanzu tugomba gutanga, naho ugarukiye.

IKIZA : Nibyo koko ibi tuvuga ntibigomba guhera mu kinwanwa, tugomba kubigaragaliza mu bikorwa. Dore rero uko bigomba kumera, uko mbyumva imilima tuzahinga tuzayikesha ubutegetsi bwa Komini na Segiteri. N'uko bulya ngo ikizere kiraza amasinde kandi n'akimuhana kaza imvura ihise. Gusa nasanze muramutse mwitabiliye mwese icyi gitekerezo ubutegetsi butuli hafi bwadutera inkunga; murabona kiliya gishanga cya Komini ko ntawundi mumaro gifite tugisabye niyo baduna agace kamwe kacyo twaba tubonye intangiliro. Ubwo ni ukuzandika ibaruwa mu izina lyanyu, mvuga ko dufite ishyirahamwe aliko tukaba tudafite imilima yo guhinga maze bazagire icyo babitubwiraho.

KIRE : Icyo gitekerezo ni cyiza! Komeza turakumva!

IKIZA : Muli iki cyumweru kuli Komini hali inama y'urubyiruko nkaba nzajyayo kugirango numve ibizayivugirwamo byerekeye n'umwaka wacu w'urubyiruko.

YAKAZI : Uzajyeyo rwose none wazatuzanira indi nkuru nziza, ibyo se ugirango twali tubizi? Umwanzi ntakagire injijuke nkawe!

KIZA : Kuli cya kibazo cy'abakozi bo kudufasha, washatse kutwisekereza.
Hahaaa! Abana b'abakungu ye! Ibyo ntibyaba bikwiye byaba ali ugusesagura n'uduke twali twifitiye. Tuvuze ngo dushyiremo abakozi! Ahaa!

IRE : Ko nibyo! Tugomba gukora kugira ngo twizamure ubwacu. Amafaranga twatanze kubakozi tuzayirwanishaho mu gushaka imbuto n'ifumbire.

KIZA : Maze nkaba mbatumye kuli bagenzi bacu tutali kumwe; mubabwire ibyo twagezeho, muzabibasobanulire uko biteye kandi mukabatashya cyane!

.../...

AKIRE : Aliko NZIKI... ntagapapuro wagira ngo twandike umubare wacu uko tuzaba tungana?

ZIKIZA : Njye ndumva ibyo atali ngombwa, aliko wa mugani reka nkakurebere, mutahe muzi uko tungana.
(Ajya kubarebera agapapuro).

UNYAKAZI : Ntureba! Nzikiza ni umugabo pe! Inama ze zose usanga ali ukuli.

AKIRE : Nzikiza se ko ali inaralibonye ni umuntu uzi twinshi kandi ufite ibitekerezo bya kigabo!

ZIKIZA : (Aje) Ndakabonye! Ngaho mbwira abo nandika.

AKIRE : Ubu se ntukibibuka?

ZIKIZA : Reka mbandike mumbwire ko ntawe natayemo!

AKIRE : Ihereho ndetse!

ZIKIZA : (Avuga) 1) NZIKIZA 2) Uwakabili GAKIRE 3) uwa gatatu MUNYAKAZI 4) uwa kane MAJYAMBERE 5) uwa gatanu BASESA 6) uwa gatandatu HABUMUGISHA si abo?

AKIRE : Ni abo rwose nakulikiye!

ZIKIZA : Muli bo hali ugira umwaga ulimo? MUNYAKA.. tubwire nawe?

UNYAKAZI : Uwo nakemanga ni BASESA, aliko nawe ntiyatunanira uko mbibona tuli kumwe ntawatulinda nta nuwadutetereza.

AKIRE : Nta kundi nitubibagezaho azaba ali nko korosora uwabyukaga, ntuza we sinibaza uko aligira!

ZIKIZA : Inde?

AKIRE : HABUMUGISHA we arumva ko ali tayali!

ZIKIZA : Dusabe Imana kugirango iza bidufashemo twe kugira imbogamizi kandi ngo iyo ababili cyangwa abatatu bali hamwe bavuga ibyiza Imana irabagana. Dusabe Imana rero tuyigondoze izaduha kuko Imana ntiyanga kugondozwa yanga guhemuzwa.

UNYAKAZI : Ni koko umwana umwe si umulyango Imana nidufasha ishyirahamwe lyacu lizakomera maze duharanire amajyambere ya rubanda nyamwinshi; ni uko hali ubwo Imana iguha amahirwa nabi da!

ZIKIZA : None se ko ntabanganya Imana kandi rero n'amahirwe y'abantu ntareshya ibyo wali ukwiye kubimenya!

.../...

AKIRE : Uwavuze se ko umugabo umwe agerwa kuli nyina yarabeshye. Gushyira hamwe ni byiza rwose!

NZIKI.. twaganiliye bihagije, kandi kuvuga menshi siko kuyamara, tukaba dutashye bulije!

ZIKIZA : Nibyoo! Mwakoze kuza kunsura, mutashye abantashya bose! umwanzuro dufashe muwuzilikane!

AKIRE : Tuzakora uko dushoboye tubonane utubwire uko byagenze. Ngaho nziki "ujya murw'undi ataha kare". (Basezeraneho barataha).

ZIKIZA : Simbaherekeje ngiye mu milimo yo mu rugo bataza kuza bagasanga ntacyo nakoze!

ISENI YA GATANU.

(RUCYAHANA atahutse avuye gutabara)

UCYAHANA : (Ahamagara) NZIKI! Mbe NZIKI! NZIKIZA!

ZIKIZA : Karame Papa!

UCYAHANA : Wiliwe sha!

ZIKIZA : Yego! Ese ko mwatinze hali ukundi byagenze?

UCYAHANA : Mwana wanjye se! urugendo nagenze ubu ntiwarubara! Dore naje ngeze kwa Sebuhoro mpasanga urukwegamano (urwagwa) urebye niho nakererewe. Naho ahandi nanyuze kwali ukurondogora gusa. Eh! Eh! Ninde wubatse haliya? Eh! Eh! Mbega ahantu hubatse neza!

ZIKIZA : Nyamara njye nahubatse nigaya ngo ntacyo nakoze, na haliya hose mba naharangije!

RUCYAHANA : (YASINZE akanyuzamo akalilimba) Ashyii !, akagwa naragowe mama we he ! Umva impamvu ituma nkwiyama gutera urutoki ni byiza manyinya ndekura ntahe, bwigenge bw'u Rwanda we igutura ahegereye umuhanda byazatugeza vuba uyu mwaka muhire! (Avuga) Eh! Ese nyoko alihe sha?

ZIKIZA : (Aseka) Ali mu milimo yo mu gikoni.

RUCYAHANA : Yee nuko ! Hanyuma ni bande banywereye hano amasegereti kandi ko ntanywa itabi?

.../...

NZIKIZA : Ni ba basore bali baje kunsura.

RUCYAHANA : Wababwiye ibya ya Komparative bagira ngo iki?

NZIKIZA : Bose babishimye, batashye bijemeje ko tuzabonana ejo bundi mvuye mu nama tukabyiga neza.

RUCYAHANA : Muzabe abana beza, mushyire hamwe nanjye nzabashyigikira!

NZIKIZA : Njyewe aliko ndumva ntacyo nzashingiraho!

RUCYAHANA : Nk'iki?

NZIKIZA : Ndashaka kuvuga nk'amafranga yo kugura imbuto, ifumbire n'ibindi tuzakenera nk'amatungo.

RUCYAHANA : Halya sinakubwiye?

NZIKIZA : Oya da!

RUCYAHANA : Cya gitsina cyawe cy'insina cyavuyeho inshakara igura 250 F naza mboga zawe wasize uhinze zavuyemo 1.800 F uyabaze nyoko.Nanjye rero nkaba nguteye inkunga ngushimira kiliya gikorwa cyiza wakoze, nguhaye ya hene ifite akabara mu gahanga azabe aliyo ushingiraho!

NZIKIZA : (Akoma amashyi) Murakoze Papa! Mugize neza rwose, ubu nibazaga uko nzabigenza bikanyobera.

RUCYAHANA : Si uko noneho ntibizagufasha?

NZIKIZA : Ooh! Bizandengera cyane!

RUCYAHANA : Sha ngiye kulyama ndumva ndushye ahali ni agasa kangezemo!

NZIKIZA : Nyamara ntawabimenya! Aliko ulyamye udafunguye?

RUCYAHANA : Muze kumbyutsa sindi businzire vuba!

NZIKIZA : Nanjye ngiye kuba nandika ya baruwa isaba akalima.

RUCYAHANA : Muko komerezaho.

## ISENI YA GATANDATU .

(NZIKIZA emenyesha bagenzi be ibyo inama yagezeho)

NZIKIZA : Ese GAKI... ko mbona mwishimye bidasanzwe aho ntacyo mwiteze?

GAKIRE

GAKIRE : Shahu iyo tumaze iminsi tutabonanye ntituba twishimye none turakubonye tulizihirwa.

MUNYAKAZI : Kandi twe duhora tubona ko uhora ushaka icyashimisha abantu bose, ibyo bikagaragalira mu nama utanga zikunze kugilira akamaro benshi.

NZIKIZA : Aliko MUNYAKAZI ushyenga ukwawe!

GAKIRE : Aliko NZIKI... tutagiye muli menshi, Njye nje nifuza kumenya uko ya nama yagenze, kuko ubu ndihuta hali aho iwacu bantumye.

NZIKIZA : Njye ndababwira muli make, kuko twabwiwe byinshi kandi byiza. Iby'ingenzi navuga nuko inama yagenze neza kandi igafata imyanzuro ihamye.
Njye rero naragiye nalingiye no gukererwa ho gato, nahasanze urubyiruko rwinshi koko rwali rwitabiliye iyo nama, nibwo umuntu yakwimenyera ko urubyiruko alirwo rwinshi koko. Ubwo inama yahise itangira iyobowe n'umuyobozi w'urubyiruko muli Perefegitura, yatugejejeho ibintu byinshi rwose kandi by'ingirakamaro, aliko cyane yibanda ku ntego y'uyumwaka w'urubyiruko. Ibyo yatangiye avuga ni ukwiyama urubyiruko ruhunga icyaro rugana mu mujyi, yongeraho ko hali urubyiruko rumwe na rumwe rutitabira amanama. Akomeza avuga ko urubyiruko guharanira amajyambere y'icyaro kuko mu mujyi nta milimo ihagije ihali nkuko Prezida ahora abitwibutsa, maze rukarema amashyirahamwe bityo rukiteza imbere n'igihugu cyarubyaye. Kubera rero uwo mwaka w'urubyiruko ngo urubyiruko rugomba kurema amashyirahamwe menshi kubulyo bw'umwihaliko, mu turere twose twa Komini kandi hakazaba n'amarushanwa muli uwo mwaka yo mu nzego zose.

GAKIRE : Ndizera rero ko tuzajya muli ilyo rushanwa!

NZIKIZA : Reka se ndacyakubwira, ayo marushanwa rero si ayo mu buhinzi gusa, hali n'ubworozi, ububaji, ubwanditsi, imikino ngorora mubili, urumva ko buli rubyiruko rutazabura aho rugira uruhare. Yakomeje atubwira ko urubyiruko rugomba kwirwanaho rukagerageza kwivana mu ngorane ruhura nazo, rubikesheje umulimo w'amaboko, mu kw'ishyira hamwe kuko ntahandi tuteze umukiro warwo. Igihugu kikazajya kibatera inkunga gikulikije ibyo bamaze kugeraho.

.../...

MUNYAKAZI : Kuki se bashyigikira amashyirahamwe kurusha uko bashyigikira umuntu ku giti cye?

NZIKIZA : Bulya ngo umukuru arumva ntabaza, icyo kibazo ni wowe ubyibaza wenyine, aliko impamvu ibitera ni uko ishyirahamwe liba ligamije amajyambere rusange ya rubanda nyamwinshi. Naho umuntu wikorera ku giti cye aba aharanira gukira ku giti cye kandi uzi ko igiti kimwe atali ishyirahamwe lyo icyo balikundira nuko libumbira hamwe abantu benshi bakazamukira limwe. Ubwo kandi ajya kurangiza ijambo yashojereje ku kibazo cyo kumenya gusoma no kwandika, atubwira ko tugomba kubyitabira ku bwende ati "nkuko abategetsi babihagurukiye ndizera ko kurwanya ubujiji urubyiruko rwabihagurukiye, uyu mwaka uzarangira urubyiruko rwose ruzi gusoma no kwandika. Arangiza ijambo lye atwifuliza kuzashinga a amashyirahamwe menshi. Muli make nibyo inama yagezeho.

MUNYAKAZI : Dore ko rubanda bagifa ngo iki, iyo nama yabaye ingirakamaro kandi bulya kutajya mu nama ni igihombo.

GAKIRE : Ndumva twali dukwiye kwihutisha ibyo twagezeho, bye guhera mu kinwanwa. Twese tuli urungano duhuje ibitekerezo, uretse ko ali wowe mukuru uturuta ugomba kutugira inama kandi: Agasozi katagira umukuru kagwaho ishyano, ababyeyi bacu nabo ntibazadutererana. Maze dukunde umulimo w'amaboko tuwukundishe na barumuna bacu dukunde isuka yo soko y'amajyambere; izatuma dukungahara kuli byose.

NZIKIZA : Kugeza ubu ndabona iby'ishyirahamwe lyacu byararangiye, ahasigaye ni ugutangira, umusanzu tugomba gutanga murawuzi, na babandi nali nabatumyeho twalibonaniye bambwira ko babishimye cyane.

GAKIRE : Yee! Barabyemeye rwose.

NZIKIZA : Tukimara gutangira imilimo y'ubuhinzi, tugomba kumenya ko ubuhinzi bujyana n'ubworozi, tukamenya ko mu buhinzi bwacu tuzakenera ifumbire.

.../...

GAKIRE : Ibyo turabitekereza rwose! Tulizera.ko bazaduha naho tugomba kwororera! Hanyuma tugakora iyo bwabaga tugakunda umulimo twilinda ubunebwe kandi muzi ko uhinze ubunebwe asarura ubundi. Dukore, dukore twiyuhe akuya maze bizageza mu mpeshyi tuzi icyo tugezeho k'ingirakamaro. Ahasigaye ni wowe uzatulimbulira kuko ali wowe utubereye ku isonga.

NZIKIZA : Nta kuzuyaza rwose byatunganye, igisubizo kiraboneka muli ino minsi, ibyo mbivugiye kubera amagambo nabwiwe na Konseye nawe yali muli ya nama mugezaho ikibazo cyacu, mubwira ko hali n'ibarwa natanze isaba akalima; yambwiye ko azakora uko ashoboye, igisubizo tukakibona muli iki cyumweru; hali n'uwambwiye ko kwa Kagabo hali ibarwa yanjye yaturutse kuli Komini ubwo niyo nta yindi.

GAKIRE : Twagize se Imana ikaba aliyo kandi ko yaba ilimo inkuru nziza!

NZIKIZA : Ikindi Konsiye yambwiye ni uko twakwiyongeramo n'urubyiruko rw'abakobwa, aliko sinamenya ko abakobwa bazabyitabira!

MUNYAKAZI : Bazabyitabira da! Nabo ntibiheze mu majyambere, aliko NZIKI... ndifuza kumenya uko iyo barwa wohereje icyo yavugaga, mbese uko iteye?

NZIKIZA : Menya nyifite hano..... Reka nyigusomere (atangire asome)

NZIKIZA Jean GITABA kuwa 28 UKUBOZA 1984
Uhagaraliye ishyirahamwe
ly'abahinzi b'IGITABA
Komini TABA
Prefegitura: GITARAMA

Bwana Bourgmestre wa Komini
TABA - GITARAMA.

Impamvu: Gusaba imilima.

Bwana Bourgmestre,

Mbandikiye iyi baruwa mu izina lya bagenzi banjye b'ishyirahamwe ba KOPERATIVE y'abahinzi DUKOREREHAMWE b'IGITABA.

.../...

Nkuko twifuje kubibamenyesha, ishyirahamwe lyacu lyashinzwe mu Gushyingo 1984. Ligamije ubuhinzi bw'imboga n'ubworozi bw'amatungo magufi n'amaremare. Ubu ligizwe n'abanyamulyango balindwi, ubu kandi nta milima turabona, ibyo duteganya bili mu mishinga gusa, tukaba twifuza ko muli ilyo shyirahamwe lyacu haziyongera urubyiruko rw'abakobwa kandi tukaba twabasaba imilima yakweramo imboga naho twakwubaka ikigo cy'amatungo hafi y'ishyirahamwe lyacu.

Musanzwe mutugirainama zo kurema amashyirahamwe zifite intego zigaragara kandi z'ingirakamaro; niyo mpamvu twizeye ko muzatugoboka. Tubaye tubashimiye.

UHAGARALIYE ISHYIRAHAMWE
LY'ABAHINZI B'IGITABA
NZIKIZA JEAN.

KIRE : Ni byiza pe! Nta n'uwagira icyo abinengaho! Warabyitondeye. NZKI.. uzatugeza ku majyambere natwe dukire tudamarare. Maze kuvuga menshi si ukuyamara tuligendeye njye ngiye aho Dawe yantumye.

.IKIZA : Ni mugende tuzongera kubonana muli ino minsi, mwese mwese uko muli balindwi muzabe muli kumwe.

NYAKAZI : Yee, tuzaba tuli kumwe kandi tuzaza twese rwose! Ngaho urabeho! (Abasezereho)

ISENI YA KALINDWI(Baza guhabwa imilima bose bateranye).

.IKIZA : Uko muli aha mwagombye kuba mwarateguye byose, kuko ndabona nta kindi akazi katangiye.

KIRE : Aliko noneho si ibyishimo ufite menya hali ukuntu! Namwe nimwirebere ibinezaneza afite.

BUMUGISHA : Ko utubwiye se ko tugomba kwitegura, tukagira ibya ngombwa byose, uretse amasuka n'amafranga y'umusanzu hali ikindi wali ushatse kuvuga?

.../...

ZIKIZA : Ni uko rwose nkunze ko wabyumvise neza, aliko rero mugombe kumenya n'umurava, ubutwali n'ubwitange mugomba kugira kugirango tuzamuke.

ιAJYAMBERE : Aliko NZIKI wavuga wagira ndabona hali ikintu wadukinze kandi uli bukitubwire!

ZIKIZA : (Aseka) Erega ntabatindiye, ibintu ni ibyacu kandi nitwe bireba maze kumenya inkuru nziza kuko nabonye ya barwa itumenyesha ko uyu munsi, nongere nsubiremo uyu munsi ko bali buze kutwereka aho tuzahinga. Mwitegure rero ni abategetsi baraza uretse ko njye ntazi abo alibo.

ιAKIRE : Baraza ku yihe saha? Njye ndagirango njye mu rugo kwambara noge n'ubu bulimiro: Aliko NZIKI... nali nabikenze ibyishimo wali ufite!

ιZIKIZA : Umva ra! Erega isaha sinyizi n'ubu wajya kubona ukabona baraje kandi bulya ushaka inka alyama nkazo kandi abategetsi sibo bagomba gutegereza abo bategeka ahubwo abategekwa nibo bagomba gutegereza abategetsi, naho ibyo uvuga ngo ugiye kwoga ubulimiro bo se bayobewe ko tuli abahinzi? Nushaka reka tube dutegereje akanya. Aliko nizeye ko mwese mwiteguye kugira ngo tuzahite dutangira.

.JYAMBERE : Hora ceceka! Twese rwose twaliteguye! Ndabeshya ra!?
(Bose): Ntubeshya rwose!

ιIKIZA : Nuko ni byiza rwose, naho Gakire ubaza isaha baraziraho rwose ihangane.

ιNYAKAZI : Aliko se NZIKI muli urwo rupapuro nta saha bavuze wa mugani nanjye ndumva ndambiwe kwicara hano?
Icyo munda kirashaka icyomu nkono da!

ιIKIZA : Urupapuro si nguru! Ngaho gakire ni ambabalire arubasomere mwiyumvire namwe.

.KIRE : (Asoma avuga)

REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMINE TABA
PREFEGITURA : GITARAMA

TABA KUWA 02/01/1985

Bwana NZIKIZA Jean
GITABA

.../...

Bwana,

Ndakumenyesha ko twabonye ibaruwa yanyu isaba imilima.

Koko rero dukeneye amashyirahamwe menshi muli Komini kandi turayashyigikiye. Aliko kubera ko ishyirahamwe lyanyu ly'urubyiruko alibwo ligitangira tulifuza ko lyahuza urubyiruko rwinshi mu karere kanyu.
Inama y'ubuyobozi ishinzwe gutera inkunga urubyiruko iherutse guterana yemeje ko muzahabwa imilima ahegereye akarere kanyu, bakazabaha bakulikije umubare wanyu. Mukazahulira n'abashinzw gutanga imilima muli icyo gishanga kuwa 5 mutarama 1985 mukazaba muli muli icyo gishanga mwese.

Byaba byiza muli kumwe n'ababyeyi banyu mwese. Nkaba mbifulije kuzatera imbere muli uyu mwaka wanyu w'urubyiruko.

Bourgmestre wa Komini TABA
NDAGIJIMANA Faustin
(arasinya).

KIZA : (Aseka) Ntimwiyumviye se kandi ko nta saha bavugamo! Ntawe umenya igihe inkuba ikubitira wajya kubona ukabona baraje kandi umaze kugenda, dutegereze rero!

A : NZIKIZA se urabona kiliya gishanga bali bukiduhe cyose?

KIZA : Bulya abaturage turaruhije koko, muli mwe ninde wakwemeza ko kiliya gishanga bakiduhaye cyose twashobora kugihinga?

YAKAZI : N'ubwo tuli abasore sinahamya ko twagishobora ni kinini buliya!Niyo baduha hato ntacyo byaba bitwaye ngo "Koramo iruta nta mboga" kandi bulya agato kakugeza ku kanini kandi kakaguteza imbere.

YAMBERE : (Avuga buhoro) Ese murabizi? Do.. ndabona abantu hilya aha ndakeka ko alibo baje.

IRE : Reka! Baliya bantu ni bande ra! Ndabona nibo aliko.... reka nitegereze.

ZIKIZA : Sha ndabona uliya wa kabili ali Konsiye, reba neza MAJYAMBE...

AJYAMBERE : Buliya nabamenye bose; uliya uli imbere ni Agronome wa Komini, umukulikiye ni Konseye, umukulikiye na none ni Encadreur w'Urubyiruko uliya wundi rero ni Umupolisi.

AKIRE : Aaaan! Koko sha, uzi kwitegereza (avuga buhoro) Aliko sha none batubaza ibya ngombwa tukabibura uliya mupolisi akatujyana ko nta na kimwe nazanye!

ZIKIZA : Umwaka uracyali mubisi nta bya ngombwa bali batangira kubaza, kandi rero sicyo kibazanye.
(Baba barahageze barabaramutsa!

gronome : Murahali mwese ko ndeba muli bake?

KIZA : Ni uku tungana uretse umukobwa umwe wagize impamvu ntaze.

ONSEYE : Kuki umukobwa ali umwe gusa?

ZIKIZA : Abakobwa benshi twarabibabwiye aliko ntibabyitabiliye uretse uwo gusa, ahali ni ukubera ubujiji.
Yewe twali tumaze kurambirwa twali tuzi ko mutakije!

GRONOME : Twebwe tuba dufite imilimo myinshi tugomba kubanza gutunganya. Ababyeyi banyu se bali he?

ZIKIZA : Twabibagejejeho nabo barabizi n'ikimenyimenyi ngabo hepfo mu gishanga aho bicaye.

GRONOME : Ngaho nihagire ugenda atire umupanga ateme imiyenzi turashinga aho muzajya mugarukira.

ENCADREUR : Twizeye ko muzakora uko mushoboye mukiyongera mukagwira bityo mukongera umusaruro.

AGRONOME : Nimuze tugende tubone igihe dutahira.

ISENI YA MUNANI(RUCYAHANA abaza abo basore kuko we atali ahali).

RUCYAHANA : Mbe bahu... aho babahaye ni aherekeye he ko nsanze mwitahiye?

AKIRE : Nawe wali wakesheje cyane da! Dore... ntureba kuli kiliya giti cy'umuzibaziba, ukamanuka aho uwo mugende unyuze, ugatambika kuli ruliya rubingo, ukazamuka uko uwo mugezi umeze ni aho baduhaye.

UCYAHANA : Aaaaan! Ndahabona. Nihaliya gusa se?

AKIRE : Ni haliya gusa uretse ko na kaliya gataba urebaa;

UCYAHANA : Ndahabona.

AKIRE : Ngo niho tuzajya twororera amatungo kandi basize badusezeranije ko nitwiyongera tukagera kubikorwa bigaragara bazaduha ahandi.

UCYAHANA : Njye ndabona ali hato bana banjye!

UNYAKAZI : Ahaa! Buliya ni hagali ni uko uharebera kure, kandi niyo haba hato se ko ntawiha ko ali umwana w'umunyarwanda.

UCYAHANA : Maze rero mwa basore mwe, muli abagabo kandi murakuze, ni mukore rwose ni mwe dutezeho amajyambere.

AKIRE : Natwe twizeye inkunga yanyu.

UCYAHANA : Shyuhuhuu!! Guhera mu gitondo mubyukiremo, gusa icyo nabamenyesha ko mbemereye n'ifumbire ni mujya gutera (Rucyahana abasezeraho)

YAKAZI : Rero bagenzi banjye tube intwali, tube intwali mu bikorwa nkuko uliya musaza yabitubwiye.

LIKIZA : Muramenye ntituzabe ba bashimira mu iliro, tubereyeho kuzuzanya, nidukulikiza inama twahawe ndetse nizo twagiye tugirana nta kabuza tuzagera ku majyambere; maze DUKORERE hamwe bizaduteza imbere. Ubu n'uwavuga ngo baduhaye hato yaba yibeshya cyane niyo byaba ali ukuli fata ko ubusa burutwa na bulibuli n'agake kanga mu jisho ntikanga mu kanwa.

AKIRE : Ikindi mbona gikwiye kutuvamo ni ubujiji alibwo bubyara amatiku, bugomba kurwanywa rero.

.../...

UNYAKAZI : Erega ubwo nitwe tubwirwa?

AKIRE : Nimwe mubwirwa nyine! Hali undi se? Uko muli batatu mugomba kujijuka mu menya gusoma no kwandika!

UNYAKAZI : Urebye neza uwo mugambi niwo kuko na Leta yarabihagurukiye kugira ngo ihashye urwijiji rw'ubujiji; tugane ishuli rero bagenzi banjye!

ASESA : Nzaba njyahe se? Aba bize singaho tugiye gusangira isuka! Ubu murabona hali aho dutaniye!

ZIKIZA : Ntiwibeshye rero umuntu uzi gusoma no kwandika afite byinshi akurusha ntukigeranye nawe, ubwo se uwakwandikira akabarwa ntiwakwiruka ujya kugasomesha? Umugoroba umwe mu cyumweru ntiwali ukwiye kubananira!

AKIRE : Azabibona umunsi umuntu amuhaye rwose urupapuro rudafunze ali urwo kumucisha umutwe ati mujyanire aha n'aha arujyane atazi ikilimo maze narugezayo bamutunenge. He (aseka) Igitangaza! Munyakazi kwandika asa n'ubizi, ntureba aho yanditse kukuboko !

UNYAKAZI : Erega ni ukujya gukuza ubumenyi ninko kwihugura, naho ubundi se sinigeze mu ishuli? (Baraseka). Naho BASESA uradushwishuliza azakabona, kandi nta mpamvu igaragara yabona yatuma atiga, ni amanzaganya gusa!

ZIKIZA : Mugane ishuli libahe ubwenge, muzire ubwanze uzajijuka ute utazi gusoma?
Gana ishuli kuko ali amaliba avomwamo ubwenge, twazagera kuki tuli insjiji. Mumenye ko kandi ubwenge burahurwa uzicara se bikwizaniree!! Ashwida!

UNYAKAZI : Njya numva bavuga ngo uwiga aruta uwanga nemeye gufata iya mbere nkajya kwiga da! Tugumye mu bujiji twazageza he!

MAJYAMBERE : Twe tuzi gusoma, ubu tubarusha byinshi mu tami, nawe barohereza akabarwa ngo ni mudusomere, aliko ubizi baguha ukisomera kandi uba uratesha abandi igihe cy'ubusa. Aliko none Basesa byamubereye urujijo.
Koko umubaji w'imitima ntiyayilinganije, ubwo rwose urumva ko kwiga ntacyo byakumalira cyangwa se wumva ali nko kujya gukubitwa ibiboko nka bimwe abakera bakubitwaga muli shiku. (Bose baraseka)

.../...

NZIKIZA : N'uko sha! Ntiwumva noneho! Uli akagabo pe! Ndakwemeye rwose. Ni byiza bulya umugabo ni uwisubiraho! Maze rero umugambi ni uw'ejo murawuzi ko ali akazi, tuzatangira dukoroboze, tugomba gukora tukiyuha akuya kugira ngo tugere kubyo dukeneye.
(Basezeranaho barataha).

ISENI YA CYENDA.

(NZIKIZA na bagenzi be bakorana inama bakareba ibyo bagezeho n'ukuntu babilinda).

NZIKIZA : Mwali muzi ko ubu ntiyumvisha ukuntu ziliya mboga zikuze? Bulya koko gukora ni nk'ubufindo.

GAKIRE : Hora ceceka sha! (Aseka) Ndeba kiliya kilima baduhaye, nakumva n'ukuntu abahizi n'abagenzi bagitangalira nkumva binteye ishema. Mbere na Mbere bulya gukora ni byiza, iyo tutigira inama yo gukora ngo dukorere hamwe umulimo w'amaboko ntacyo tuba tulicyo, tuba tuli ingegera. Sinalingiye kwirukira i Kigali ngohaliyo umukiro. None abantu ziliya mboga zacu barazinuganuga ngo zizavamo ibihumbi 100.

MUNYAKAZI : Babeshye se? Icyangombwa ni ugukora tukaba abanyakazi.

BASESA : Nkuko izina lyawe libivuga ! (Baraseka)

GAKIRE : Umva ra ! Ese ubu ntimubona ubulyo aliya matungo yororoka vuba na vuba. Twaguze inkwavu 16 none zimaze kuba 80. Ayandi yo sinibuka neza, NZIKIZA nabitubwire neza niwe ubizi !

NZIKIZA : Mwe se ntimubizi?

MUNYAKAZI : Ni wowe twatoye ugomba kutuyobora ugacunga n'umutungo wacu, ko ali wowe ujijutse dufite uragira ngo tugire dute?

NZIKIZA : (Aseka) Yee, aliko namwe mwagombye gucunga mukamenya umutungo wanyu. Sinjye rero ugomba kubimenya gusa. Ukuntu amatungo yororotse kugeza ubu birashimishije ,

.../...

inkwavu mwazumvise, imbata zo zifite ibyana 4, ibishuhe biraraliye, ibyo murabizi, inkoko zo ni uruhuli zili mu 120.

.IRE : Njye ndabona kiliya kigo gikwiliye kwagurwa, kuko usanga amatungo y'ubwoko bwose abyiganiramo.

YAKAZI : Ese iyo Beterineli ataza kuzikingira ntizali zigiye gukunkumuka ko nibi tugezeho byose tubikesha we watugiliye inama yo kubibwira Beterineli.

KIZA : Windogoya se wo kabyara we! Ihene zo zose zarabyaye murabizi zimaze kuba 12, intama ni 6, ingurube ni 3 n'inka 2 imwe irahaka.

YAMBERE : Lya rushanwa ly'urubyiruko mwavuze tuzalijyamo byanga bikunze kuko mbona ntabandi bazaduhiga, uyu mwaka ni uwacu ko! Waraduhiliye pe!

YAKAZI : Ese ayo matungo nta kuntu yatangira kugulishwa cyane muyororoka vuba no kuyabonera ibyo alya bisigaye bigoye?

KIZA : Uko mbibona byali byo ali mu mafranga dufite kandi twabonye twali dukwiye kuguramo nk'umufuka w'ibigoli cyangwa uw'amasaka n'umuceli byo guha amatungo (Bose baliyamira) Nta kuntu amatungo yaduha umusaruro mwiza tutayagabulira bihagije.

UMUGISHA : Aliko nziki .. muli twe nibande balya umuceli iwabo? Aliko wowe ngo nibawugulire amatungo!

KIZA : Erega nayo matungo tuyatezeho byinshi kandi na rubanda ntibaduseka kuko nibyo tumaze kugeraho barabishima kandi ndemeza ko muli mwe ntawe uraraba ubusa, kuko nta kuntu waba waburaye ngo ubyukire mu mulima. Mutekereze namwe buli muntu muli twe iwabo ahujuje inzu ayikesha ibi bikorwa twakoze, hali nibyo duteganya mu minsi ili imbere. Dukore rero uko dushoboye turwane ku mutungo wacu dushake icyatuma wiyongera. Gusa twishimiye ibyo tumaze kugeraho aliko ntidutezuke

.../...

ku ntego yacu yo gukorera hamwe dushyizeho umwete.

:AKAZI : Ese ntiwatubwira muli rusange uko umutungo wacu ungana?

:IZA : Urebye ninko kubibutsa ibyo murabizi; icyo nababwira mbere n: mbere ni umutungo w'amafranga dufite abitse muli Banki y'abaturage ibihumbi 71. Andi muzi ibyo twayakoresheje.
Murabona n'imyaka ili mu mulima yo sinabona uko nyibara.
Ikindi amatungo yo murazi uko angana twali tumaze kubivuga.
Nkuko Munyakazi yabivuze, twali dukwiye kugulisha muli amwe mu matungo yororoka cyane. Ali ushaka ako kwilira, ali ushaka ako kworora bose tukabaha ku giciro cyiza.
Muziko amafranga twashoye mu bworozi ajya kungana nayo twashoye mu buhinzi, icyo aya matungo atumaliye cyane yatumye amafranga twatangaga tugura ifumbire aguma mu bubiko cyangwa agakoreshwa mu bindi.
Dore ubu mu bworozi turabara amatungo 232, namwe ni mugereranye igihe tumaze dutangiye.

:SA : Aliko ntayindi mushinga twateganya mu minsi ili imbere?

:IZA : Majyambere nawe gira icyo umusubiza ndetse uvuge se ibyifuzo byawe ibi byose tugezeho ni uko twali hamwe.

:AMBERE : (Akorore) Euh uko mbona kandi mbitekereza, ndasanga dukwiye kwiyubakira inzu yo guhunikamo imwe n'imwe ihunikwa kugira ngo itononekara. Imboga nazo akaba aliho tuzishyira igihe zigitegereje imodoka yo kuzijyana kw'isoko.
Mu myaka tweza ndumva ko aho kuyijyana ahandi twareka tukayigura n'abaturage bo muli aka karere, bityo bakaba bahahiye bugufi. Ubwo ntitwakwibagirwa n'utundi ducokoli abaturage bakenera nk'umunyu, peteroli, akabiliti, agasabune n'ibindi.
Ikindi navuga ni uko twagira ibalizo, twe turabizi twarabyize mu mashuli agamije amajyambere y'imyuga, twabikora bityo na bagenzi bacu batabizi bakabyigiraho. Icyo nsorejeho ni uko twavugurura iki kigo cy'amatungo buli bwoko bukagira igice cyabwo, yabaye uruhunduguru rwose!
N'icyo nabivugaho!

:RE : Ndumva ibyo majyambere avuze mbishyigikiye uretse ko tutagomba kubikorera icyalimwe, twajya tubanza kimwe kikarangira tugakulikizaho ikindi. Rwose ndumva ibyo bitekerezo byali byiza.

.../...

KIZA : Iyo migambi nibyo tuzayitaho, maze tuzajye tuyikora buhoro buhoro muli iki gihe twali dukwiye gukora twitegura amarushanwa yo muli uyu mwaka kandi muzi ko twiyandikishije, ibyo tubyiteho.

Ikindi nshaka kubagezaho ni iki: Muzi ko muli aka karere ndetse na Komini yose inkufu yabaye kimomo ngo ishyirahamwe lyacu lifite umutungo mwinshi, amafranga menshi n'ibyo twejeje byinshi, ibyo bikaba bituma bamwe baza kwirebera baneka ngo barebe ko ali ukuli.

Murabona ko batangiye kujya bashombora imboga buhoro buhoro baziba nta kindi rero tuogmba kurwanya ababisha tukarengera utwacu, ntitwakwemera ko umutungo wacu uvogerwa. Bityo tugomba kuziralira, twigomwe ibitotsi by'ijoro, umunsi twafashe abo bagome ntawundi uzagarukamo, ibintu ibintu bidakomeza kutunyura mu myanya y'intoki kandi ngo inama nziza iruta indaro nziza.

AKAZI : Koko nibyo ntitwali dukwiye guterera agati mu lyinyo, kuko ibyo nanjye nabitekerezaga. Tuzagenda twubake akaruli haruguru ko kujya twikingira imbeeho y'igishanga cyangwa se tuzajya turara ducanye ibishyito.

RE : Aho wenda muzubaka nka yayindi imeze nk'iya sarumfuna! (Bose baraseka).

AKAZI : Ikinsetsa ni uko rubanda bavuga ko tuzihendaho, nyamara ku giciro cyo mu isoko twagabanijeho amafranga 5, icya ngombwa nuko tuzakomeza kugulisha ku giciro gicilili tse.

RE : Erega nazo ni nziza reka zihende ni mugine akeza kaligura!

IZA : Ndumva tugeze ku bintu byiza, none tubikomeze ali ibyo tuzakora muli ino minsi, alibyo tuzakora buhoro buhoro mubikomeze, ntituzirangareho tuzazibuka ibitereko twasheshe.

RE : Turara mu bizu bya Sarumfuna! (Bose baraseka)

IZA : Oya shahu sibyo, urakina rwose! Ahubwo dutahe twitegure tuzatangira muli ino minsi. Twagaragaje ubutwali bwacu mubyo twakoze none rero tuogmba no kubugaragaza turengera utwacu ngo intwali igaragara ku rugamba. Batavaho badusuzugura ngo tuli bato ubugabo si ubwuzuye inzira. Ni muze tujye mu myitozo, abakina umupira n'abali bukore imyitozo ngorora-mubili dore ndabona bagenzi bacu bageze mu kibuga kare.

.../...

Mukore uko mushoboye tuzatware umuhigo no mu rwego rwa Sporo (Baragenda)

ISENI YA CUMI ( Umugabo Muvunyi n'umugore kwiba iby urubyiruko rwali rwejeje bitewe n'ul ne n'inzara byali mu rugo rwabo, al ntibyabahiliye kuko bafashwe bidati

MUVUNYI : (Yivugisha) Ndumva rwose ibyo muli uru rugo binyobe ubukene, inzara nta gafaranga ntaki, rwose nzabigir nte ko ntanaho nkorera amafaranga, nzajye se i Kiga mpunge uru runyazi rw'urugo...
Oya aliko... Ntibishoboka naho gusonza ninjye ibyit nawe nsonze ndeba iliya milima y'amashu, ibirayi nk ra nkarara nizilitse umukanda pee!! (AGAMAGARE UMUG Umugore aramwitaba.
Icyo nakubwiraga ngirango ulibonera nawe iyi nzara muli uru rugo n'ukuntu abana baturushya, umwe ava a ngo mpa ikijumba undi n'uko byakubitiraho ko tutumv ONAPU (ONAPO) bigahumira ku mirali. None nagirango unyumve aliko... nagirango tujye mu milima ya babas twisoromeremo imboga.

NYIRAMAHINGURA : Ye! Utiki! Njyewe uko ngana ntya nkajya kwiba koko! Ubwo nta soni... lisubize iyo uliwanye da!

MUVUNYI : Aliko vuga buhoro wa mugore we utampa rubanda, n'ub iyo ntabikubwira.

NYIRAMAHINGURA : Hmmm! Urabona ahantu halimo mwene RUCYAHANA muli iy Koperativi kandi uziko dufitanye inzika, agufashe w icyo umwishyura?

MUVNYI : Wa mugore we rwose nyumva neza, abo basore ntibahar ndabizi bose ni abantu bikundira igitotsi, cy'ijoro nta n'umwe rero wakwemera kurara atunwaho n'umubu w mu gishanga. Kandi na none twaboneraho n'icyo twaza manira wa mushyitsi uzaza kudusura ejobundi.

.../...

'IRAMAHINGURA : Ibi bintu ugiye gukora sibyo kandi biratugaruka ngo Imana ihora ihoze, nawe rero urakabona! Gutinyuka koko umuntu akajya mu mulima wundi agasarura nk'usarura muwe, ngaho mbiteze amaso!

VUNYI : Nakubonye ubwo urashaka kuntera umwaku! Ahubwo ngwino tugende, reba imifuka 2, urebe n'icyuma cyangwa reka mbanze njye gutata, oya aliko ngwino tugende ndabizi ntabahali.

RAMAHINGURA : Ko ndeba se n'uyu mwana yanze gusinzira ndabigira nte? Koko tugende muli ili joro ly'icurabulindi ngo iyi n'inda!

UNYI : Uwo mwana ndabizi ntalizwa n'ubusa, uranyibukije ahubwo nali nibagiwe ko hali umwijima ndebera ya sitimu yanjye aho! Wikwibagirwa n'inkoni yo kwitwaza! (Baragenda bageze ku irembo avuga buhoro) umva wa mugore we nitugerayo, wowe ugende usorome imboga, njye ndajya mu birayi ndabicukura intoki, ku bulyo ndavayouyu mufuka wuzuye! Nawe uce imboga nyinshi kubulyo bizamara igihe.

RAMAHINGURA : Tugende se maye! Wabona tutishimiye kujya mu milima y'abandi, abandi bakaduca inyuma bakaduhotorera abana ko nduzi banasinziliye, twavuga ko twali twagiye he?

YI : Urugo rw'umutindi ntawe urujyamo, aba ajyamo mbese ngo aruvanemo iki? Duceceke ahubwo hatagira utwumva. (Bageze mu mulima bakoze uko babisezeranye, umugore yakunama umwana akalira; nibwo amwururukije, umugabo amubwira ko amuzana aho arakura ibirayi, amushyira hepfo ye. Babasore nabo bali baraye izamu ali batatu, bumva umwana alira kandi bakabona n'itoroshi mu mulima, induru bayiha umunwa.

IZA : Ngaho ngaho! (akubita ku munwa)UBUBUBUBU! Nimudutabare ye! (ubwo umugabo yalirutse n'umugore ibyo bali bazanye babita aho, kubera ubwoba umugore yiruka yali azi ko umugabo yazanye umwana naho yamutayeyo) Yooo! Babanyazi bahataye n'umwana (induru bayiha akamo) (abantu barahurura bishyira kera)

.../...

JCYAHANA : (Ahageze) Byagenze bite GAKI?

.KIRE : Njye mbere numvaga umutima wacu uvuyemo nshaka kubibabwira ndabihorera nyuma twumva akana karalize tubona n'urumuli mu mulima tuvugije induru baliruka.

JCYAHANA : Aliko se uyu munyazi utaye umwana yakunze. ibyo yibye yanga umwana!

KIRE : Nabyo ntabyo bajyanye hafi ya byose babitaye hano!

JYAMBERE : Ubu se bazabivuga ngo iki, ali uwo mwana aba uwande ye!?

CYAHANA : (Aseka) Hakaa! Ulilirwa ubaza uyu mwana si mwene MUVUNYI na NYIRAMAHINGURA! Ongera umulike ndebe! Yoo niwe niwe! Ni uwa MUVUNYI na NYIRAMAHINGURA pe! Ntagushidikanya ni uwabo! Ntabindi, ntabindi turamujyanayo mu gitondo! Dore bwenda gucya; kandi ga na kano kana kalitonda!

IRE : Si ak'abajura se! Nzaba mbona icyo bazaliha ibi bintu bahombeje batya! Nduzi ali imbwa ikanjye!

KIZA : Uwo ninde ulimo uvuga?

IRE : Ni Muvunyi haliundi navuga atali we!

KIZA : Aaaa,! Mbese niwe uvuga? Mwihorere ubu agahu kahuye n'umunyutsi! Umva ko yahize! (Induru zirakomeza, abantu basakuza cyane! Muvunyi ageze mu rugo ashwana n'umugore bapfa ko bataye umwana)

RAMAHINGURA : (Yahagira) Niko MUVU.. umwana alihe ko ntawe ufite?

UNYI : (Yahagira) Ye! Sinagizengo se wamuzanye? Nalinzi ko wamuciyeho ukamuzana! Tubigize dute?!

RAMAHINGURA : Yebabawee!! Ilishyano ndaligirante! Nyagasani wandemye! Ubu tuzabivuga ngo iki! Ubu buzima burandambiye birutwa no kuva kuli ino si! Mana yandemye we! Ubu umwana wanjye baramwica! Bikira Maliya we!

.../...

MUVUNYI : Vuga buhoro wa mugore we!

NYIRAMAHINGURA : Mvuga buhoro mvuga buhoro iki! Yayaya! Ubwo nta s
ufite? Mana y'i Rwanda umfashe nibonere umwana!

MUVUNYI : Wisakuza reka nkubwire uko tubigenza!..

NYIRAMAHINGURA : Umbwira umbwira iki, nawe ufite uruvugiro! EHEE!
(UMUMAMA)
Ngaho ruka ayo mantazi ngo ni amagambo!

MUVUNYI : Do! Ubu ntakundi twafashwe reka duteke umutwe nat
twitakishe tuvuge ko badusahuye ko badutwaye n'um
na!

NYIRAMAHINGURA : Ngaho jya hanze uboroge!

MUVUNYI : (Ajya hanze avuza induru) Ni muntabare ni muntaba
yee! Bansahuye, bansahuye! (Atali aho bibye imbog

MAJYAMBERE : Ni ibiki n'ibiki ye!

MUVUNYI : Natewe natewe, Bansahuye rwose nta kintu bansigiy

MAJYAMBERE : Bakwibye iki, bakwibye iki!?

MUVUNYI : Bansahuye rwose bantwaye n'umwana!

GAKIRE : Ngwino urebe ko umwana tubonye hano yaba ali uwaw

MUVUNYI : Ndaje ndaje ye!(Muvunyi aragenda ahageze bahita b
ta ku munigo ingoyi imucamo, Rucyahana atangira
kuzikura)

GAKIRE : Uyu mwana si uwawe?

MUVUNYI : Ni uwanjye.

NZIKIZA : Ubu se kandi urahakana ko atali wowe n'umugore wa
mumutaye hano?

MUVUNYI : Rwose n'abajura banteye iwanjye nibwo bamuntwaye!

MAJYAMBERE : Enda dupime ibirenge byaho mwakandagiye cyangwa

.../...

tujye iwawe kureba ibyo bakwibye, oya aliko reba dupime ibirenge!
(Ashyizemo ikirenge birahura neza, maze abantu bamukata inkoni) Eh! Eh! Mwese nimurebe ntoraguye ikotomoni, reka ndebe nyirayo dore halimo n'iranga muntu.
(Afunguye) Ntimwirebera mwese ni iya Muvunyi yageza aha ite?

VUNYI : Reka muyinkuye mu mufuka! Simbyemeye!

KIRE : Pu! Nigiceceke aho nonahangaha! Rugire kwiba! Rugire kubeshya! Rugire kwitakisha ngo wibwe! Sha! Ejo nimbona batagushyize muli gereza uzamenye ko waraguje! Mwakoresheje amaboko yanyu! Ntacyo bitwaye irabanza icyo nakoze igaheruka, none uratinyuka ugahakana iyi mifuka s'iyo mu rugo rwawe?

NYAKAZI : (AKIHAGERA) Eh! Ni ibiki? Mumbwire we!

KIRE : Sha wibaliza inkuru ku nkanda, wowe ntiwirebera!

NYAKAZI : (AFITE UBWOBA) Byagenze bite se kandi!?

KIRE : Umva twali twibereye muli kaliya karuli kacu, tugiye kubona tubona itoroshi icanye mu mulima hagati mbwira ba NZIKIZA ngo bareke tubagote baranga ngo batadutema: Niko kuvuza induru baririruka, tugiye kureba dusanga bahatayeumwana.
Nuko byagenze!
Yewe nkubiswe n'inkuba, ubonye na Muvunyi ngo abe aliwe uza kuducucura kandi ali umwe mu batubwiraga ko badushyigikiye. Babivuze ukuli ngo inshuti z'umwezi ntizibura haguma iz'umwijima!

YAHANA : Hali icyo wongeraho Muvu..?

UNYI : Aliko ko wahiliye ibyo birakureba?

YAHANA : Yayayay! Ntasoni! Bitandeba se si iby'abana banjye? Aho wenda uracyabinakana! Iminsi y'umujura irabaze kandi rero igisambo n'igifashwe byongeye kandi hali n'ibimenyetso byinshi biguhamya, ubwo koko urumva uzabikika ute?

.../...

GAKIRE : Hali imifuka iranga umuntu n'ibirenge byaho bakandagiye n'uliya mwana ibyo byose arabyongeraho iki?

RUCYAHANA : Maze rero bana banjye ntihagire uwongera no kumurya muce inkoni izamba, ibindi turabyiga mu gitondo habona, muramenye mu mukomeze ntabacike!

GAKIRE : Nibyo muze tugomba kubaha ubutabera kandi twubahiliza uburenganzira bw'ikiremwa-muntu ducisha mukuli. Ibyo utubwiye ntawe ubirengaho!

ISENI YA CUMI N'IMWE: (Basesa atera intugunda mu ishyira hamwe agamije ko bagabana umutungo bafite).

BASESA : NZIKI dore ni wowe utuyobora none ndumva ndambiwe uru ruhato rwa buli munsi nkaba ngirango mu ngenere umugabane wanjye nkuremo akanjye karenge kuko sinishoboreye!

NZIKIZA : Ilyo ulivuze ulikuye hehe? Ni wowe ubivuze cyangwa....! Yampaye inka Data!
Ubwo urumva bishoboka? Uralivuze! Uvuze ilyo ureshya nalyo pe!
N'ubwo tuvuga ko tumaze gutera imbere, nta kuntu $t_w$abona uko ducamo imigabane mu mutungo wacu; ikindi kandi siyo ntego yacu.

BASESA : (ARAKAYE) Ibyo uvuga simbyumva, mumpe utwanjye nta kindi mbasaba! Mwatanze umusanzu ntanga undi, kandi ntacyo mwakoze ntahali, sinumva rero ukuntu mwashaka kunyima utwanjye.

GAKIRE : Genda ntacyo tuguhaye uzajye kurega aho ushaka! Wowe icyo ugamije nuko ili shyirahamwe lyasenyuka ntubiteze rero! Turashyigikiwe kandi uvuyemo ntibyatubuza gukomeza gukora! Ubu se uyu mukobwa ujemo vuba aha hali uwamuhamagaye!

MUNYAKAZI : Oya mwihorere yewe! Ngo ihugije umusaya ntibuza izindi kulisha!

BASESA : Aliko muranyimira iki utwanjye? Njye ntambaraga mfite zashobora imilimo yanyu.

.../...

IRE : Sibyo! Ayawe turayazi! Byose byose intandaro yabyo narayimenye ngo ni ukubera Muvunyi twafungishije ngo kuko ali muramu we. Kandi si na muramu we neza ra! Ni muramu we mu mulyango.

YAKAZI : Yego rata! Nanjye nkabibona!

ESA : Iyo ujya kuvuga utyo se umbereye mu mutima? Halya ngo ni uko ndi kagufi niyo mpamvu mwansuzugura bigeza aho? Gusa mumpe utwanjye!

KIZA : Babivuze ukuli ngo ubugabo bugufi nibwo bugira amahane! Yego ubugufi si ubugingo aliko se! Uragumya kwiterura utyo birakugeza kuki?

A : Ndamaze! Umenye ko nitunze sha!

KIZA : Noneho koresha kiboko ubone icyo wifuza, umva ko wigenze da! Uguhiga ubutwali muratabarana mwa! Itonde!

ESA : Nitonda se nitonda iki hejuru y'utwanjye!?

IRE : Basesa wowe nakubonye ntawagushira amakenga, ufite icyo wiherekeje!

KIZA : Yiherekeza se yiherekeza iki? Icyo agamije ko ali ukumunga ishyirahamwe!

ESA : Nimushaka mwitonde tuzabigabana!

KIZA : Aliko shahu wikanze iki? Maze ukiha kuvugana ivogonyo .. ngo nibwo bugabo! Ulibeshya amatiku yawe ntazashira! Ndakubwiye nushaka kugenda uzagende ntacyo twahomba! N'ubundi ngo amafuti y'umugabo nibwo bulyo bwe! Ndakubwiye rwose iliboneye ntilyica! Wakije umuliro twawuzimya.

ESA : Ibyo muvuga byose muteganya ko mulimili shyirahamwe mfitemo umugabane.

KIRE : Urawufite turabizi aliko ntaho byanditse ko nushaka kuvamo bazaguha utwawe ako kanya. Wa mugani wa NZIKIZA icyo ugamije ni ukumunga umutungo wacu gusa!

.../...

ZIKIZA : Nyamara simbeshya n'ikimenyimenyi, uherutse kugulisha inkoko na mwene Sibaliho mu bulyo tutazi!

UNYAKAZI : Aaaan! Yayindi twabuze tugakeka ko ali igisimba cyayitwaye?

ZIKIZA : Niyo rwose! Yikanze ubwinshi bwazo agirango ntituzabimenya.

ASESA : Niba munyanga mwanyanze neza aho kumbeshyera!

ZIKIZA : Tukubeshyera, tukubeshyera iki! Sinabyibwiliwe na mwene Sibaliho ubwe. Jya umenya ko akarenze umunwa karushya ihamagara! Hmm! Mujye mwivamo ngo barabeshyerwa ngo fatwa ibagwe iva mu kanwa ka nyirayo!

ESA : Umva mbese! Hmm! Nyilikilimi kibi yatanze umurozi gupfa ! Wigeze umufata yakwibye? Umujura ni wowe mwaguze icyo wibye; mwagiye muvuga ibyo muzasubiraho!

AKIRE : Umva rero Basesa nkugiliye inama tuza duturane neza, ibyo wishingikilije, ubifashe hasi, n'undi muli twe watekereza atyo nawe asubize amerwe mu isaho. Abwirwa benshi akumva bene yo!

ASESA : Aliko njye sinababwiraga nabi da! Nuko mutanyumvaga neza.

ZIKIZA : Mubyo uvuga nta kuli kulimo ashwi da! Ahubwo utahe wibazaaa! Ejo uzaba utubwira icyo wagezeho, cyangwa uzagire undi ugisha inama, niba ali n'uwagushutse umwivanemo (Basezeraneho).

ISENI YA CUMI N'EBYILI. (Ilyo shyirahamwe lyamaze gushinga imizi ligera ku bikorwa by'amajyambere, batoranywa mu bazahagaralira Perefegitura ndetse baba abambere mu irushanwa. Ministeri nayo yohereza intumwa kwirebera ibikorwa by'urwo rubyiruko).

ITEGEKA : Muraho rubyiruko! (Bikilize limwe, abasuhuza abakora mu ntoki, akikijwe na Bourgmestre na Encadreur w'urubyiruko)

KIRE : (Avuga buhoro abwira bagenzi be) Uno mutegetsi arakangaranye afite icyusa ni umugabo w'igikwerere ukwiliye gutinywa!

.../...

IKIZA : Erega shahu ni mugihe abantu nka baliya ko tudakunze kubabona, abantu bose bali hano babiserukiye!

NJYAMBERE : Urabona abaturage bafite umutuzo , niba ali uko babonye umutware (Bourgmestre) Bakimara kuhagera urusaku rwagabanutse.

ICADREUR : Nimuze mwabasore mwe!

IYITEGEKA : Euh! Nagirango menye ushinzwe ili shyirahamwe!

IKIZA : (ATAMBUKA) Nitwe!

IYITEGEKA : Mwebwe nde?

IKIZA : NZIKIZA YOHANI nkaba nyobora ili shyirahamwe kuva mu mwaka washize, nkaba mbifashwamo n'ubutegetsi bwa Komini.

IYITEGEKA : Nagirango udusobanulire icyi kigo cyanyu uko giteye nuko gikora mu magambo make.

IKIZA : Nkuko mubinsabye icyi kigo mubona kilimo amatungo atali macye, namwe nkuko mubyibonera hagabanijemo ibice 7 bikaba bisobanura ko tworora amoko 7, buli bwoko bukaba bufite agace kabwo.
Aya matungo yororotse mu bulyo bwadutangaje, kuko yororotse cyane rwose, aliko bikaba byaratewe n'ukuntu twagiye tuyitaho. Nibabishoboka mwaza tukabereka namwe mukabyibonera!

YITEGEKA : Nibyo!

IKIZA : Iki gice tugezemo kibamo inkoko, twaziguze zigeze kuli 30 none zimaze kuba 180.

YITEGEKA : Nuko nuko!

IKIZA : Iki gice kindi kibamo inkwavu zali zaguzwe ali 16 none ubu ni 102

YITEGEKA : Nuko ni byiza rwose!

IKIZA : Iki gice kindi kilimo 12, aha hilya haba ihene 18,

.../...

aha hakulikira hali intama 9, icyi kiraro ni icy'inka 4 naho aho hilya haba ingurube 3.
Ntitwarekeye aho dufite n'ibikorwa mu by'ubuhinzi mulibonera muli kiliya gishanga iliya myaka ilimo n'imboga n'ibyacu; tukaba tutabura gushimira veterineli na Agronome inkunga baduteye baduha imiti y'amatungo n'iyo kwica udukoko twona imyaka.

TEGEKA : Ni byiza rwose muzakomereze aho! (we na Bourgmestre biganilira, aho bateganyije kubakilira).

MESTRE : Ubusanzwe urubyiruko rujijutse nta mpamvu rutatera imbere!

EKA : Oh! Ntubona ko ibikorwa by'urubyiruko ali byiza! (Abaturage n'urubyiruko babakiranye Animasiyo nziza cyane, babaha icyicaro, animasiyo irakomeza, hakulikira ijambo lya ENCADREUR wavuze mu ijwi ly'urubyiruko).

DREUR : Banyacyubahiro muteraniye hano, ba Bwana ntumwa za Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, Bwana Bourgmestre namwe ba Konsiye; ba Militante ba Militant muteraniye hano; uyu munsi ni umunsi urubyiruko ruli mu mashyirahamwe rwo muli iyi Komini yacu rutazibagirwa; kuko ali umunsi w'umwihaliko rwabonye wo kumulika ku mugaragaro ibyo rwagezeho.
Muli make muli iyi Komini yacu mu myaka 2 ishize hali amashyirahamwe y'urubyiruko 12 aliko akaba ntabikorwa bigaragara yali yakagezeho.
Mu myiteguro y'uyu mwaka w'urubyiruko twashoboye kubona amashyirahamwe 23 mu marushanwa yabaye, ayashoboye kubona umwanya mwiza ni 3 limwe alilyo ili mwaje gusura; ilindi n'ishyirahamwe ly'abasore bakora umwuga wo kubaza n'ilindi lihinga gusa.
Ili shyirahamwe mwasuye uyu munsi lyashoboye kugera kuli byinshi libitewemo inkunga n'ubutegetsi bwa Komini nko mu byerekeye kubabonera imilima ndetse naho bagombaga kwororera.
Uru rubyiruko ubu rugizwe n'abasore 6 n'inkumi 1, rwakoze uko rushoboye rukora rutikoresheje rwiyuha akuye kugira ngo ruzamuke; mubyo rwakoraga, rwakoraga ruzilikana inama rwahabwaga n'abarushinzwe.

.../...

Ibyo rwagezeho ni byinshi kandi byiza ntawabura kubishima kubera ko n'igihe ili shyirahamwe limaze ali gitc Mubyo rwagezeho ni nk'inzu y'ihunikiro biyubakiye yo guhunikamo ibyo bejeje mu gihe bigitegerejwe kugulishwa. Biyubakiye n'indi nzu yo guculizamo ibintu abaturage bo muli aka karere bakunze gukenera. Ubu bubatse atoliye yo kujya bigiramo imyuga, uretse ko ntabikoresho bali babona. Muli ibyo byose bakoze babikoze nta mfashanyo iturutse hanze, bakoresheje umutungo bakomoye ku buhinzi n'ubworozi. Mu bworozi nkuko babibabwiye borora amatungo y'ubwoko 7 bakaba bafite amatungo yose hamwe 325, ayo matungo akaba atajyanwa mu masoko, ahubwo biyemeje kujya bayagura n'abaturage, ali abashaka ayo kworora cyangwa ayo kulya ku giciro cyoroheje. Ibyo byose rwagezeho nibyo byashoboye kubahesha umwanya wa mbere, baterwa inkunga ali nabyo bihembo bahawe.

Twavuga nk'ingorofani 2; ibitiyo 3; imihoro 7; amasuka 7; amapiki 2 n'ibindi bikoresho by'ubworozi.

Mu by'ukuli umutungo w'ili shyirahamwe ubalirwa mu bihumbi 608.000 F. Ba Militante ba Militant ba Muvoma Revolisiyoneli Iharanira Amajyambere y'u Rwanda, abakuru baravuze ngo"uwambaye ikirezi ntamenya ko cyera", abandi bati"ahali abantu ntihabura urunturuntu" kandi ngo ufite alifuza aliko n'ingorane zibaho kuli buli wese.

Ili shyirahamwe rero nalyo lifite ingorane; twavuga nk'ikibazo cyo kubura imodoka yo kujyana ibyo bejeje ku isoko ndetse bakabura n'isoko babicurulizamo.

Indi ngorane nuko babuze ibikoresho byo gukoresha muli atoriye yabo byo mu bubaji; bikazatuma biyongera bakaba benshi. Bakaba basaba Leta ko yabibateramo inkunga.

Ikindi nuko bafite ikibazo cy'uko imilima igenda ibabana mito bakaba basaba Komini ko yabibafashamo.

Indi ngorane n'uko muli aka karere hali abantu batumvise akamaro k'ili shyirahamwe, ahubwo ugasanga bashaka kubononera bakaba basaba ubutegetsi bwa Komini ko bwababafasha guhashya abo bantu. Bakaba basaba ko n'ili shyirahamwe lyahabwa ubuzima gatozi.

N'ubwo ingorane tutazivuze zose, izo nizo zali zikwiye kwitabwaho mbere na mbere. Tukaba twizeye ko muzadufasha gukemura izo ngorane. Harakabaho M.R.N.D. na Perezida wayo!

Harakabaho M.R.N.D. na Perezida wayo!

.../...

Harakabaho ba Militante ba Militant bibumbiye muli M.R.N.D.!
Harakabaho amashyirahamwe! Murakoze!(AMASHYI NGO KACIKACI
MUVOMA YACU RAMBA!
PREZIDA WACU RAMBA!
(Hakulikiyeho imbyino z'urubyiruko n'ibyivugo bagira bati "CYO NIMUZE DUKORE" hakulikira ijambo ly'intumwa ya Ministeri.

TEGEKA : Ba Militante ba Militant ba Muvoma Revolisiyoneli Iharanira Amajyambere y'u Rwanda muteraniye aha! Twaje gusura no kwirebera ubwacu ibikorwa by'urubyiruko muli iyi Komini yanyu.
Nkuko twabyiboneye urubyiruko rwo muli ino Komini rwahagurukiye umulimo w'amaboko biragaragara ko uyu mwaka w'urubyiruko bali bawiteguye neza kubera ibikorwa bakoze, ali nabyo byabahesheje kuba abambere.
Ntawe aliko utabura gushima umuyobozi w'iyi Komini n'abafasha be ukuntu bitabiliye gushyigikira amashyirahamwe, urubyiruko narwo rukiwye gushimwa kuba rwalitabiliye amabwiliza rwahawe ruyashyira mu bikorwa!
Ibi mwakoze bihuje n'ibyo Muvoma idusaba ivuga ko abanyarwanda tugomba gukorera hamwe, tugahuliza imbaraga zacu hamwe bityo amajyambere akihuta. Umubyeyi w'Igihugu nawe ati " u Rwanda ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo" muzi ko n'urubyiruko ahora arubwira ko rudakwiye kwirukira mu mujyi kuko nta milimo ihagije ihali, ahubwo rugomba guhama muli Komini bityo rugaharanira amajyambere yaho rutuye. Rubyiruko mugomba kumva ko umulimo w'amaboko aliwo uzabahesha agaciro, niwo muzakesha umwenda,umusoro n'ibindi... bityo mukivana mubukene.
Ntawakwibagirwa ko n'urubyiruko rugomba kujijuka, byanze bikunze rugomba kugana ibigo byigisha gusoma no kwandika kugira ngo ruve mu mwijima w'ubujiji.
Ubu nashoboye kumva ibyo uru rubyiruko rwagezeho ndetse n'ibyo niboneye nabonye bishimishije, nkaba njye mbifulije gukomerezaho maze mukagera kubikorwa bisumbye biliya! Leta nayo ntizabatererana. Mu ngorane numvise mufite nasanze izo ngorane zikwiye kwitabwaho ali ukubera amikoro make y'Igihugu n'ubukungu bw'isi bimeze nabi muli iki gihe. Ibibazo mwavuze siko byahita bibonerwa umuti; aliko kubera ko twaje tuli intumwa turabigeza kubadutumye maze bazabisuzume babatera inkunga bakulikije ibibabaje.

Ibindi bibazo numvise bireba Komini nizeye ko izabafasha kubikemura, abo bantu babangiliza maze mu gihe baramutse bafashwe bakabihanirwa bikomeye, kuko umutungo w'umuntu umwe cyangwa benshi ko utagomba kuvogerwa.
Ba militante ba militant muteraniye aha twizeye ko namwe muzabibafashamo mutera inkunga aba bana banyu, ngirango murabona ko ibyo bagezeho ali byoza kandi bikaba bibafitiye akamaro.
Maze rubyiruko namwe tukaba twizeye ko mutazadutenguha ku ntego mwiyemeje. Harambe urubyiruko n'abarushinzwe bose bibumbiye muli M.R.N.D.
MURAKOZE! (AMASHYI NGO KACIKACI).
(Hakulikiye animasiyo yashoje ibiroli, abashyitsi bajya kwakirwa, abo basore bali bateganije n'ibyo bali buzimanire abashyitsi)

.A : Nimushake inteba y'urwagwa muhe abo babyeyi di! ENFIN ni mugire vuba!

AHANA : Hahaaaa ! Ufite ifaranga ntabura igifaransa koko! Nimuduhe twinywere mwe ntimubona ko dufite umutuzo? Yewe bino si ibiroli byali akaruhore!

RE : Dukomeje natwe kwizera inkunga yanyu!

AHANA : Twarababyaye none ntacyatuma tubatererana pe! N'ibi biroli mu tweretse! Ah! Ah!

RE : MUNYAKAZI tanga icyicaro abo basaza bahine akagongo ntuziko alibo badufatiye ily'ibulyo kandi ngo umutwe wuje imvi ujye uwuvira mu cyicaro!

AHANA : Bana banjye se ko mwavuze ko mukeneye imodoka bayibahaye ntitwaba duteye imbere.

RE : Byose ni iby'Imana yonyine aliko turategereje (Babaha inzoga baranywa).

IHEREZO.

*********************.

Bikozwe na AKIMANA Antoine
Le 09/03/1985.-